IBIRI MURI AKA GATABO N°28

1. Ijambo ry'ibanze
Ubwanditsi
2. Ijambo rya Myr Alexix HABIYAMBERE ku munsi wa Yubile
y'imyaka 75 ya Paruwasi ya Mubuga
3. Ubwiyunge ni uburenganzira n'inshingano kuri buri wese
Padiri Emmanuel NYAMPATSI
4. Gusaba imbabazi no kuzitanga ni umusingi w'ubukristu nyabwo
Fratri Réné Claude HAKIZIMANA
5.Mu bihe bikomeye by'umwaka wa Liturjiya Bikira Mariya atwigisha iki ?
Fratri Théoneste NZAYISENGA
6. Tuzirikana iki ku munsi mukuru wa Assomption
Fratri Théoneste NZAYISENGA
7. Abakangurambaga b'Iyogezabutumwa ku Muhororo mu rugamba rwo
gukundisha Abalayiki Kiliziya
Claudine MUHAYIMPUNDU na Yozefu NIBYOBYIZA
8. Iterambere ntirikagushe abakristu
Jacques NTARUVUGIRO
9. Igikorwa ry'urukundo cy'abanyeshuli bo mu muryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu
Aimé HABIMANA
10. Umunsi mukuru w'Abatagatifu Petero na Paulo, abarinzi ba Paruwasi ya Kibuye
Ignace BANYAGA
11. Urubyiruko rwa Paruwasi Gisovu rwasuye Quasi-paruwasi ya Kavumu
Fratri Denis NZABAHIMANA
12. Paruwasi Murunda yibarutse impanga z'Abasaserdoti
Lazare NZAYISENGA
13. Iyakirwa ry'Abapadiri muri Paruwasi ya Gatovu
Padiri Bernard KANAYOGE
14. Itahwa rya Paruwasi ya Gatovu
Fulgence NZAMUYE
15. Myr J.M.V. NSENGUMUREMYI arashimira abatabaye abasenyewe n'umutingito w'isi
16.Udukuru two hirya no hino
Françoise BAMURANGE
17. Aho Abapadiri bahawe ubutumwa muri uyu mwaka wa 2008.

IJAMBO RY'IBANZE

"Abamwakiriye bose yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana".

Indamutso y'Umusemburo w'Ubusabane nimero ya 28 tuyibateguriye mu gihe cy'Adventi. Turazirikana ko abakristu benshi baharanira gusanganiza Kristu umutima wiyemeje kwivugurura ukamugarukira mu ukuri bitari mu magambo gusa.

Twebwe abasanganwe intego y'uko "*ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo"*, twaniyemeje ko uwo mugambi tuzawugeraho dufatanye urunana, aho turi hose, mbere na mbere mu rugo iwacu no mu muryango-remezo. Aho niho tuzabonera Imana mu bo yaduhaye b'ibanze, tutaretse n'abandi dusanga aho tugana hose, bose tubabonamo ya "shusho y'Imana".

Musenyeri Alexis Habiyambere mu ijambo yavugiye muri Yubile y'imyaka 75 ya paruwasi ya Mubuga aragira ati: "Muntu we Imana yamuremye ari agahebuzo, imurema mu ishusho ryayo, imushinga no kugenga ibyo yaremye byose. Igihe muntu ateye Imana umugongo, byose byaramusandaranye". Igihe cya Adventi kidufasha kwisanasana ngo dusubiranye ibyangijwe no kuburira Imana uburyo cyane cyane twirengagiza kuyibona mu muntu uwo ari we wese.
Uwo wese Jambo w'Imana yaramusanze ngo abane nawe, yamugize n'umuvandimwe n'umusangiramurage : ni ikirenga mu biremwa kuko nyine ariwe tuboneramo imisusire y'Imana.

Padiri Emmanuel Nyampatsi aratubwira ati: "Ishusho y'Imana ni ukuvuga ko: "ukubonye ntabona umuntu gusa muri wowe, iyo areba neza abona ko usa n'Imana". Kuri we n'uwandavuje iyo sura y'Imana ntidushobora kwibagirwa ko yayihawe bidasubirwaho n'Iyamuhanze. Dusabwa kumufasha kuyigarura tutaretse kumwubaha no kumukunda. Aho niho umukristu arutira abatemera kugengwa n'Ivanjili. Umukristu kuko azi intege nke za muntu yiyemeza kumubabarira inshuro zitabarika: "Ndetse nagucumuraho karindwi mu munsi, akakwitwaraho karindwi avuga ati: "Ndabyicujije", uzamubabarire(Lk17,4).

Kubabarira ni ihame rikomeye mu myitwarire y'abakristu kandi bikomeza imibereho ya buri muntu. Padiri Nyampatsi ati: "Uwahemukiwe ashoboye kubona ko hirya y'icyago hari ubuzima, uwahemutse nawe akabona ko hirya y'icyaha hari ubuzima, bombi baba bateye intambwe ya kigabo mu nzira yo kwiyunga kuko bombi baba bahingutse ku cyo bapfana cyitwa ubuzima, bwo bwigizayo icyago n'icyaha bapfaga. Icyo bapfana kigakunda kikaruta icyo bapfa".

Icyakora n'ubwo uwahemukiwe asabwa kubabarira inshuro zitabarika, uwacumuye we ategetswe kwemera nta buryarya ububi bw'ibyo yakoze, akanemera umutima mubi yabigiranye, kandi akabikora m'ukuri yifuza kutazasubira. Ni bwo n'imbabazi ahawe zimuvana ikuzimu zikamushyira mw'isi y'abazima. Nibyo Fratri René Claude Hakizimana avuga ati: "Mbere na mbere uwacumuye agomba kumenya kwicisha bugufi kugira ngo bimufashe kwumva neza ko ari umunyantege nke, kandi yumve ko ishyano atari ugukora ikosa, ko ahubwo ari ukutaryicuza". Aha yahise asobanura ko "gukora ikosa rikomeye cyane, nko kwica ari ishyano". Amahano ni amahano, arakomeye ariko uwicujije m'ukuri agafata imigambi mishya arababarirwa".

Kiliziya igenda idufasha kugarura umutima w'abantu kugira ngo twibuke gusaba imbabazi no kuzitanga. Ibihe binyuranye by'umwaka wa Liturgiya bibidufashamo. Nibyo Fratri Theoneste Nzayisenga yashatse kutwumvisha, yibanda cyane ku mwanya wa Bikira Mariya muri ibyo bihe byose.

Inyigisho zose Kiliziya iduteganyiriza zitangiwe gusa mu nyigisho zo mu misa ntihaboneke abazijyana hirya no hino aho abantu batuye ntizarumbuka bihagije. Niyo mpamvu umwanya w'abalayiki mu muryango w'abana b'Imana (Kiliziya) ari ingenzi. Claudine Muhayimpundu na Yozefu Nibyobyiza baraduhamiriza ko hari ababihuguriwe kandi babyitangira by'ukuri muri paruwasi ya Muhororo.

Jacques Ntaruvugiro usanzwe yaranyuzwe no gusangiza abavandimwe ibyiza abonera mu murwa wa Bikira Mariya i Kongo Nil aranadukangurira kubona ibyiza by'amajyambere y'Igihugu

cyacu aho umukirisitu akwiye guhora mu b'imbere yakira ibyo byiza kandi abirinda icyabitokoza nko kwibanda ku majyambere y'ibintu gusa, ukibagirwa umuco mwiza utuma ibikorwa biramba.

Kugira ngo ibyiza Imana iduha kugeraho bimenyekane, hari abibuka kugena umunsi wo kubizirikana, bakishima atari ugusamara ahubwo barebera hamwe ibyatunganye, kandi biha n'imigambi y'ibihe biri imbere. Paruwasi ya Kibuye yizihiza umunsi wa Petero na Paulo ni icyo yashakaga. Tuboneyeho no gushimira Ignace Banyaga wabitwandikiye twizera ko na paruwasi zindi zizibwiriza gusangiza ibyiza by'iwabo abasomyi b'Umusemburo w'Ubusabane.

Uretse kandi kwizihiza umunsi mukuru wa paruwasi, urubyiruko rwo rurabaduka rugasurana, murisomera ubusabane buteye ubwuzu bw'abato ba paruwasi Gisovu babaye abanywanyi ba bagenzi babo b'i Kavumu ho muri paruwasi Biruyi.

Abo mu muryango w'Umutima Mutagatifu biga muri Ecole d'Arts, Seminari ya Mutagatifu Piyo wa Cumi, Urwunge rw'amashuri rwaragijwe Bikira Mariya Umwamikazi wa Afrika n'abo muri Collège yaragijwe Mutagatifu Wenceslas, bahujwe no kugirira neza abarwayi bongera isuku ku kigo ndera buzima cyo ku Nyundo. N'ubwo ari akajambo kagufi, Umusemburo w'Ubusabane urabashimira ko bifuje kubisangiza abandi ngo ubwo buryo bwiza bwogere henshi.

Kandi koko ibikorwa byiza bizakwira kuko Imana ibyikorera ubwayo ikitorera n'ababiteza imbere. Muri uyu mwaka yaduhaye abapadiri bashya barindwi. Nisingizwe iteka. Ababanjirije abandi kubuhabwa babuherewe muri paruwasi ya Murunda. Lazare Nzayisenga dushimira kuba adacogora kumenyesha amakuru y'i Murunda abavandimwe, mwisomere uko abidutekerereza.

Kubera uwo mugisha wo kugenda buri mwaka tubona abapadiri bashya, Umushumba wa Diyosezi yongeye gufungura paruwasi nshya ije ikurikira iya Gisovu. Iyo ni paruwasi ya Gatovu muza kumva bavuga muri aka gatabo.

Nimumara kwakira ishimo ry'Igisonga cya Musenyeri kubera inkunga mwateye abangirijwe n'umutingito w'isi wo muri Gashyantare, munimare amatsiko mumenye ubutumwa Umushumba wa Diyosezi yahaye abapadiri. Ntimugahweme kandi kubasabira kugira ngo bahore ari intumwa zidatenguha Kristu wabitoreye.

Ubwo butumwa kandi ntitukibagirwe ko tubusangiye. Abapadiri baza basanga abalayiki muri paruwasi. Iyo bunze ubumwe bagaharanira ko Ingoma y'Imana yigaragaza iwabo, urumuri rugahashya umwijima, urukundo rukaba imvugo n'ingiro, hari umurongo uhamye bagenderaho, bigiye hamwe, paruwasi iba Umusemburo w'Ubusabane n'Amajyambere.

Tubifurije mwese Noheli nziza n'Umwaka muhire wa 2009 !

Ubwanditsi.

IJAMBO RYA MUSENYERI ALEXIS HABIYAMBERE KU MUNSI WA YUBILE Y'IMYAKA 75 YA PARUWASI YA MUBUGA

Bakristu, bavandimwe, Kristu Yezu akuzwe.

Dushimire Imana kubera uyu munsi mukuru wa Yubile y'imyaka 75 Paruwasi ya Mubuga imaze ishinzwe. Twifatanye kandi na Padiri Dismas IYAKAREMYE mu byishimo bya Yubile y'imyaka 25 amaze ahawe Ubusaserdoti. Arashimira Imana ibyiza byose yamukoreye muri iyi myaka yose, n'ibyiza Imana yakoreye abantu ibimunyujijeho nk'Umusaserdoti wayo.

Dushimire Imana ibyiza yagiriye umuryango wayo muri iyi myaka 75 ishize Paruwasi ya Mubuga imaze ishinzwe. Twemere ko hari abantu b'intwari bakiriye neza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu bakayigeza ku bandi kandi bakera imbuto z'ubutungane, bakabera abandi urugero mu bukristu. Izo ntore z'Imana zirahirwa kuko zasize umurage mwiza w'urukundo. Turibuka by'umwihariko Spiridiyo KABANO waje kwigisha ku Mubuga aturutse i Kabgayi, mbere y'uko Abasaserdoti bahagera. Tubabajwe cyane n'abakristu gatolika bacu bishoye mu bwicanyi bwa jenoside bwahekuye u Rwanda, bwahekuye kano Karere n'iyi Paruwasi : Paruwasi ya Mubuga yatakaje abantu benshi, yatakaje abakristu benshi. Mu izina rya Diyosezi ya Nyundo tubereye Umushumba, turasaba imbabazi twiyoroheje kubera ibikorwa by'umwijima byaranze bamwe mu bakristu bacu. Guhimbaza iyi Yubile bigomba kujyana no gushaka gusubiza ibintu mu buryo, guharanira ko Inkuru Nziza ya Yezu Kristu imurikira ubuzima bwacu bwa buri munsi. « Guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose » (Lev 25,6) kuko mu by'ukuri hari bamwe bagifite imitima iboshye cyane nyuma y'ibyo Igihugu cyacu cyanyuzemo.

Mu ntangiriro Imana yaremye byose ari byiza. Ubwo bwiza by'ibyo Imana yaremye, umwanditsi w'igitabo cy'Intangiriro abigarukaho kenshi: ***"Imana ibona ari byiza"(***cfrGn1,1-31). Muntu we yamuremye ari agahebuzo, imurema mu ishusho ryayo, imushinga no kugenga ibyo yaremye byose. Igihe muntu ateye Imana umugongo, byose byaramusandaranye. Icyaha cya muntu cyanduje ibyo Imana yaremanye ubwiza, abantu barashyamirana,urwango n'inabi bihabwa intebe. Kugira ngo byose bisubirane ubwiza byahanganywe, Imana yohereje Umwana wayo ku isi. Yigira umuntu ku bwa Roho Mutagatifu, abyarwa na Bikira Mariya.Kumenya Yezu Kristu, kumwemera no kumukurikira bitwugururira amarembo y'ubugingo bw'iteka. Iyo Nkuru Nziza ya Yezu Kristu yasakaye hose igera iwacu mu Rwanda imyaka imaze kurenga ijana, yageze ku Mubuga imyaka ibaye 75. Muri iyi myaka Mubuga yabaye isangano ry'abantu bashaka kumenya Imana no kuyitunganira. Bavomye ku isoko y'ubuzima babikesha kumva Ijambo ribeshaho no guhabwa amasakramentu y'agakiza. Bibukijwe igihe n'imburagihe itegeko riruta ayandi twahawe: itegeko ry'urukundo, babwirwa umurage twahawe na Yezu agiye gusubira kwa se: ubumwe bw'abemera Kristu.

Ibyo byose Kiliziya idahwema gutoza abana bayo, ntibyakiriwe neza buri gihe n'abavuga ko ari abayoboke ba Kristu.Ibimenyetso by'inabi, urwango n'amacakubiri biriranga. Icyaha cyadusizemo ibisare bikomeye.

Aho guheranwa n'agahinda n'ishavu, iyi Yubile nitume tugarukira Kristu amizero yacu. Yezu wazutse ni ubuzima burusha imbaraga urupfu. Kristu yarazutse, yaratsinze, umwemera ntaheranwa n'agahinda. Nimucyo tugane utubwira ati: "Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura" (Mt11,28). Yezu arabwira buri wese wumva atsikamiwe n'ibibazo binyuranye: ubupfubyi, ubupfakazi, ubukene, uburemere bw'icyaha yakoze, umutima wo guhora no kwihorera, indwara zidakira, ubumuga, ubwoba, gutotezwa,... ati ngwino unsange, iwanjye niho uzabona amahoro n'ibyishimo wifuza.

Kwirengagiza amategeko y'Imana cyane cyane irihatse ayandi ry'urukundo, kwirengagiza umurage twahawe na Kristu w'ubumwe n'ubuvandimwe nibyo bihora bidukururira ibyago, tugahora mu marira no mu miborogo.Icyaha cyatumye uwo muri kumwe utakimubonamo umuvandimwe ukwiye gukundwa no kubahwa ahubwo ukamubonamo umwanzi ubangamiye

inyungu zawe. Gahunda yo gusubiza ibintu mu gitereko, yo kunoza imibanire y'abana b'Imana nihere mu kurandura inabi n'ubushyamirane uhereye ku mizi yabyo uko ari itatu:

- Inyota y'ibintu no kwihambira ku by'isi.
- Kwikunda ukikubira ibyiza Imana yageneye bose.
- Ubwirasi n'umurengwe byibagiza uwaguhaye no kwirengagiza gahunda y'Uwahanze byose.

Pawulo Mutagatifu arerekana ibyadufasha gutsinda inabi : urukundo ruzira uburyarya, ubwubahane, ibyishimo bishingiye ku kwizera, kwiyumanganya mu magorwa, kuba indacogora mu isengesho, gusangira ibyishimo no gutabara abari mu kaga, kubabarira abanzi bacu, kudatsindwa n'inabi ahubwo inabi ukayitsindisha ineza (Rm12,9-2).

Tuzaba turi aba Kristu koko niturangwa n'urukundo, tugaharanira kubana kivandimwe. Nk'uko intego ya Sinodi yacu ibitwibutsa *"Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje"*. Kubica hirya ni ugutana.

Imihigo y'abavandimwe ikubiye mu ndirimbo ya Sinodi ya Diyosezi yacu nifashe buri mukristu wa paruwasi ya Mubuga kumva ko hari ikintu kigomba guhinduka mu mibanire ye n'abandi. Nimureke tuve mu mwijima w'inzangano zibyara ubwoba no kwishishanya. "Ahari urukundo n'umubano Imana iba ihari". Ntabwo dushobora kubakira ubukristu bwacu ku bwoba n'inzangano. Paruwasi ya Mubuga ntabwo ishobora gutera imbere nta busabane n'ubumwe hagati y'abakristu bayo. Nimuha ingufu imiryango-remezo muzatera intambwe ishimishije mu bukristu bwanyu no mu mibanire yanyu.

Bakristu bavandimwe,

Ibyishimo bya Yubile byuzuye umutima nibisakare hose. Inkuru nziza ya Yezu Kristu yamenyekanye muri aka karere imyaka ikaba ibaye 75 nimurikire intambwe zanyu, imurikire ubuzima bwanyu n'imibanire yanyu. Urukundo rwa kivandimwe ruganze mu ngo zanyu no mu baturanyi. Abakristu babe umusemburo w'amahoro n'ubusabane.

Imigambi myiza yo kurushaho kuba abakristu bahamye mukomejwe n'ukwemera mwatojwe, tuyituye Imana tunyuze ku Mubyeyi Bikira Mariya Umubyeyi utabara aba Kristu, uwo Mubyeyi twiyambaza abafashe kuba abigishwa b'ukuri ba Yezu Kristu bityo ingoma y'urukundo, ukuri, ubutabera n'amahoro iganze iwanyu.

Mwese mbifurije Yubile nziza! AMINA.

+ Alexis HABIYAMBERE, S.J.,
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

UBWIYUNGE NI UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KURI BURI WESE

Kwiyunga bimaze iki ?

Nyuma y'amateka yuzuye inabi no guhemukirana yaranze abanyarwanda imyaka myinshi, kugeza ubwo inabi nk'iyo ibyara ishyano rya jenoside ndetse n'ingaruka zabyo zikaba zikidukurikirana, kuvuga ubwiyunge mu bana b'u Rwanda si uguta igihe, ahubwo ni uguha igihe n'umwanya kimwe mu by'ingenzi bakeneye. Ni ukuruhura imitima ya benshi, yakomeretse ku buryo butandukanye, kuri bamwe ibyo bikomere bikaba bitarakira, ndetse kuri bamwe bikaba bikiri bibisi. Kwiyunga ni igikorwa cyiza ariko nticyoroshye kuko gusana imitima ari umurimo utoroshye.

Iyo ubonye ubushobozi cyangwa ukabona umuterankunga, ushobora kongera kubaka inzu zasenywe, cyangwa ugasana izangiritse, ukagura n'ibyo watakaje ; nyamara kubona abaterankunga mu gusana imitima ntibikunze koroha cyane.

Ikindi rero ni uko umuntu ashobora kukugirira neza akagusanira nk'iyo nzu n'iyo waba utabimusabye, kandi yarangiza bikagushimisha ; nyamara umutima si uko bimeze, ntawagufasha gusana umutima utabimwemereye ; nta wakunga n'uwaguhemukiye cyangwa uwo wahemukiye utabishatse. Ni igikorwa rero gisaba ubushake no kwiyemeza biturutse ku wifuza kwiyunga n'undi.

Ubwo bushake rero bujyana no kubona akamaro ko kuvuga rumwe no kumenya ibitanya abantu byose ; kuko ibibi byabaye atari byo abantu bakwiye kubakiraho ; ahubwo tugomba kugira imibonere mishya n'imyumvire mishya, bituma dushobora gushyira imbaraga hamwe, tugaharanira ibiduteza imbere, kuri roho, mu bwenge, ku mutima no ku mubiri, bityo buri wese akagira uruhare mu gutuma isi iba nziza muri rusange ; tukiyubakira n'urwatubyaye by'umwihariko. Kwiyunga rero, ni ugushyigikira ubumwe n'ubufatanye bw'abatuye isi mu kurenga inzitizi zituruka ku bibazo bitwugarije, tukabonera hamwe ibisubizo biboneye bizatuma tubaho tukaramba, tukabyara tugaheka, tugatunga tugatunganirwa.

Muri iki kiganiro rero, nifuje gutanga umuganda wanjye mu gushishikariza abantu ubwiyunge, mbushingira ku ntambwe eshatu mbona ari ingenzi umuntu asabwa gutera, kugira ngo abuhingukeho. Iya mbere ni **UKWIYUNGA N'IMANA**, iya kabiri ikaba **KWIYUNGA NAWE UBWAWE**, iya gatatu ikaba **KWIYUNGA N'ABANDI.**

Intambwe ya mbere**: KWIYUNGA N'IMANA**

Burya kwiyunga n'Imana ni ibanze, kuko ari yo itwereka ubuzima. Ni yo yaburemye irabuduha, ibudushyiramo. Ubuzima rero ni yo mpano ishimishije kuruta ibindi byose byadushimisha. Ni ishingiro rya byose, ni nka fondasiyo ibura ibindi byose wubatse ukaba utizeye ko bizaramba. Niba rero ubuzima ari cyo kidushimisha kurusha ibindi byose, burya ntidushobora kumva neza icyatubabaje n'icyadushenguye tutakigereranyije n'igishimishije kurusha ibindi. Burya inabi tubitse ku mutima ntitwashobora kuyivamo no kuyireka nta neza tubona twayisimbuza, twatora.

Kutamenya Imana ni kimwe mu bituma bamwe baheranwa n'agahinda k'ibyabashenguye, kuko nyine batamenya kureba ngo babone ko habaho Imaragahinda.

Kwiyunga n'Imana rero mbere na mbere ni ukubona ko ari Yo Soko y'ubuzima n'ibyiza byose, ugahitamo kubaho uko byagenda kose. Kugira ngo tubyumve neza, twifashishe Igitabo cy'Ivugururamategeko: *« Dore uyu munsi nshyize imbere yawe ubugingo n'amahirwe, urupfu n'ibyago ; kuko uyu munsi ngutegeka gukunda Uhoraho Imana yawe, kugenda mu nzira ze, kwita ku mategeko ye, ku mabwiriza ye no ku migenzo ye. Nukora utyo uzagira ubugingo, uzororoka ugwire, kandi Uhoraho Imana yawe azaguhera umugisha mu gihugu ugiyemo kugira ngo ukigarurire. Ariko umutima wawe nuraruka, ntunyumvire, ukemera kujya kunamira imana zindi*

kandi ukazikorera, uyu munsi nkubwiye neruye yuko muzarimbuka, muzime rwose, mwoye kubaho igihe kirekire mu gihugu ugiye kwinjiramo umaze kwambuka Yorudani, kugira ngo ukigarurire. Uyu munsi, ijuru n'isi mbitanzeho abagabo bazabashinja : nashyize imbere yanyu ubugingo n'urupfu, umugisha n'umuvumo. Hitamo rero ubugingo kugira ngo wowe n'abazagukomokaho mubeho, mukunda Uhoraho Imana yawe, mwumvira ijwi rye, kandi mumwizirikaho. Bityo uzabaho, mu gihugu Uhoraho yarahiye kuzaha abasokuruza bawe Abrahamu, Izaki na Yakobo. » (Ivug,30,15-20)

Imana iradukopeza, ntivuga ngo mbishyize imbere yanyu, ngaho nimwirwarize ; oya iratwerekera ; hitamo ubugingo. Kandi koko nta kuntu itaduhitiramo ubuzima kuko nyine nka Nyir'ubuzima, nibwo ibogamiyeho. Ni bwo itwifuriza ; urupfu n'umuvumo bikaba kubura icyo twaremewe : ari cyo KUBAHO.

Umuntu yavuga rero ko kwiyunga n'Imana ari ukumva irya Mukuru, rimwe abanyarwanda bavuga ko rishobora gutinda, ariko ntirihere kuko amaherezo risohoza icyo ryasohokeye.

Kwiyunga n'Imana ni ukubona nka Yo

Burya umugisha ukomeye muntu yabonye mu buzima ni uko aremwe mu ishusho no mu misusire y'Imana : *« Imana iravuga iti : 'Noneho duhange Muntu mu ishusho ryacu, mu misusire yacu […]'. Nuko Imana irema Muntu mu ishusho ryayo, imurema mu ishusho ry'Imana ; ibarema ari umugabo n'umugore. » (Intg1, 26-27)*

Ishusho y'Imana ni ukuvuga ifoto y'Imana muri twe (Image de Dieu) : ukubonye ntabona umuntu gusa muri wowe, iyo areba neza abona ko usa n'Imana. Burya ni na cyo gituma umuntu yubahwa nk'umuntu uko byagenda kose ; na ruharwa ntacirwa urubanza nk'urw'ingurube, acirwa urw'abantu ; no gukuraho igihano cy'urupfu ni aha bashingiye ; ko kizira kwambura ubuzima uwo utabuhaye (Iyakaremye ni yo ikamena).

Nk'iri hame umuntu aryumva neza, ntiyatinyuka no gutekereza kugambanira mugenzi we kugeza n'aho yamwaka ubuzima (kwica) ; kuko mbere na mbere na mbere aba akoze Imana mu jisho, aba ahinyuye kandi agaye umurimo Imana yakoze wo kurema ; muri make aba ahakanye Imana mu bikorwa kuko ni nko kwemeza ko icyo Imana yaremye igasanga ari cyiza, we arebye agasanga ari kibi.

Noneho *imisusire y'Imana* (Ressemblance de Dieu) ni ugusa n'Imana mu mibereho.Icya mbere cyari ugusa n'Imana mu miterere : ni *Ubumuntu*. Noneho Imisusire y' Imana ni ukugira *Ubuntu* nk'ubw' Imana.

Nanone twifashishije Ijambo ry' Imana: twarushaho kumva iyo misusire y'Imana muri twe. *« Nuko Jambo yigira umuntu maze abana natwe, kandi twibonera ikuzo rye, ikuzo Umwana w'ikinege akomora kuri Se, akaba asendereye ubuntu n'ukuri. Kandi twese twahawe ku busendere bwe, tugirirwa ubuntu bugeretse ku bundi.» (Yh1, 14.16) « Mbahaye itegeko rishya ni iryo gukundana nk'uko nanjye nabakunze ». (Yh 15,12)*. Hari n'izindi ngero nyinshi zitwereka rwose ko icyo Imana ishaka (kimwe twita ugushaka kwayo : ari ugusa nka Yo mu migirire, mu mibereho, mu myitwarire.)

Urumva rero niba duteye bumana (ishusho yayo muri twe) tukagomba kubaho no kugenda bumana (ya misusire), ushaka kwiyunga n'uwamuhemukiye, asabwa kubona mbere na mbere ko uwamuhemukiye atari igisimba, ahubwo ari umuntu n'ubwo yaranzwe n'ibidakwiye kuranga abantu. Kuba ari umuntu rero aracyafite agaciro, kuko n'Imana ubwayo itaramukuraho amaboko. Uribuka Kayini amaze kwica Abeli, Imana yamushyizeho ikimenyetso ngo hatagira umukorera nk'ibyo yari amaze gukora, n'ubwo yari yahawe igihano gikomeye (Intg 4,15).

Uwahemutse na we iyo yumvise ko uwo yahemukiye ari umwana w'Imana, niho yumva uburemere bw'ishyano yakoze ; akumva n'agaciro k'imbabazi agomba gusaba, n'uburebure bw'inzira agomba kunyura kugira ngo ave aho yarohamye.

Muri make rero, kwiyunga n'Imana bikaba gushyira ineza imbere (kubona muri buri wese Ubwiza bw'Imana agendana). Ni ukuvugurura imibonere yawe. Kandi ugahora ukangutse ; kuko inabi, ikibi, ubugome, ikinyoma, ishyari, n'ibindi bibi ntabwo biza bihutaza ; biza bikirigita ; utashishoza rero ukagwa mu mutego wo kwangana no guhembera urwango ; ari byo bishyira kera bigahinguka mu bikorwa bibi n'amahano bihekura igihugu, bigasiga amarira n'imiborogo.

Washoboye rero kugera aho, iyo mibonere ishingiye ku bwiza budasibangana bwa muntu ikujyamo ikakubamo imbata, mbese igahinduka nk'impumeko yawe, waba washoboye gutera intambwe ya mbere ikomeye mu nzira y'ubwiyunge, kuko uwahemutse uba utakimubonamo gusa umugome ukwiye kubazwa ibyo yakoze, ahubwo unamubonamo umunyabyago wo gusabirwa no kwitabwaho kuko yihaye kurwana n'Imana kandi azi neza ako adashobora kuyinesha ; akaba yararuhiye ubusa, yiyaka ubuzima yahawe ku buntu ; akikururira umuvumo bitari bimukwiye.Kwiyaka ubuzima mvuga, ni uko ntawe utanga icyo adafite. Uwishe ni uko yari afite urupfu muri we, aba ari rwo atanga ; gusa rero we arababaje cyane, kuko yapfuye ahagaze, kandi umunyarwanda yarabyivugiye ngo aho gupfa uhagaze, wapfa ukavaho.Uwahemutse kandi na we washoboye kugira imibonere ishingiye ku bwiza budasibangana bwa muntu, ni we wakwivugurura nyabyo ; akabona icyubahiro akwiye kwiha n'icyo akwiye guha abandi, agaherukira aho kwikururira umuvumo kandi yararazwe umugisha kuva agihangwa, agakunda akagororoka, akigorora, agatura umutwaro w'inabi yikoreye ubwe ; akibuka ko Imana ikimukunda kandi yiteguye kumubabarira nabishaka.

Mu ijambo rimwe uwahemukiwe ashoboye kubona ko hirya y'icyago hari ubuzima, uwahemutse nawe akabona ko hirya y'icyaha hari ubuzima, bombi baba bateye intambwe ya kigabo mu nzira yo kwiyunga kuko bombi baba bahingutse ku cyo bapfana cyitwa ubuzima, bwo bwigizayo icyago n'icyaha bapfaga. Icyo bapfana kigakunda kikaruta icyo bapfa.

Ngaho rero wowe wari waribwiye ko udakeneye Imana mu gukira ibikuremereye ku mutima, herukira aho kwibeshya ; uhore uzirikana ko byose ufite uwo ubikesha kandi ko guhora ubyibuka, ari ukwemera bidasubirwaho ko urupfu rudafite ijambo rya nyuma, kandi icyiza kizatsinda ikibi uko byagenda kose.

« Dore uyu munsi nshyize imbere yawe ubugingo n'amahirwe, urupfu n'ibyago ; kuko uyu munsi ngutegeka gukunda Uhoraho Imana yawe, kugenda mu nzira ze, kwita ku mategeko ye, ku mabwiriza ye no ku migenzo ye. Nukora utyo uzagira ubugingo, uzororoka ugwire, kandi Uhoraho Imana yawe azaguhera umugisha mu gihugu ugiyemo kugira ngo ukigarurire. Ariko umutima wawe nuraruka, ntunyumvire, ukemera kujya kunamira imana zindi kandi ukazikorera, uyu munsi nkubwiye neruye yuko muzarimbuka, muzime rwose, mwoye kubaho igihe kirekire mu gihugu ugiye kwinjiramo umaze kwambuka Yorudani, kugira ngo ukigarurire. Uyu munsi, ijuru n'isi mbitanzeho abagabo bazabashinja : nashyize imbere yanyu ubugingo n'urupfu, umugisha n'umuvumo. Hitamo rero ubugingo kugira ngo wowe n'abazagukomokaho mubeho, mukunda Uhoraho Imana yawe, mwumvira ijwi rye, kandi mumwizirikaho. Bityo uzabaho, mu gihugu Uhoraho yarahiye kuzaha abasokuruza bawe Abrahamu, Izaki na Yakobo. » (Ivug 30, 15-20) [1]

Padiri Emmanuel NYAMPATSI,
Padiri Mukuru wa Paruwasi
ya GISENYI.

[1] : igice cya kabiri n'icya gatatu : 'KWIYUNGA NAWE UBWAWE', no 'KWIYUNGA N'ABANDI' muzabigezwaho muri nimero zikurikira.

GUSABA IMBABAZI NO KUZITANGA, NI UMUSINGI W'UBUKIRISITU NYABWO.

Muntu hano ku isi no muri kamere ye, ahura n'ibintu byinshi bitandukanye : ibyiza n'ibibi, ibyishimo n'agahinda, kubabara no kunezererwa, kwijuta no gusonza, gutabara no gutabarwa, gusaba imbabazi no kuzisabwa n'ibindi.Abantu ariko ntibabyitwaramo kimwe, kuko hari ababicamo gitwari abandi bakabyandavuriramo.

Mu isezerano rya kera, dusangamo ingero nyinshi z'abantu bagiye bahura n'ibintu bikomeye, birimo gutanga imbabazi no kuzisaba.

Mu gitabo cya mbere cya Samweli(1S 15,24-25.30-31)turabona Sawuli yemera ikosa yakoze ryo guca ku itegeko ry'Uhoraho no ku magambo ye, abitewe no gutinya ndetse no kumvira rubanda. Nyamara ariko tukanamubona yemera ko yakosheje anasaba n'imbabazi. Turanabona kandi imbabazi Sawuli yagiriwe na Dawudi, aho yari yamaze kugabizwa ubuzima bwe, ariko yamugera iruhande, aho kumwica agakeba agatambaro ku gishura cye, bityo aba yirengagije ko Sawuli yari ariho amuhiga (1S 24,1ss).

Mu mutwe wa 26 w'igitabo cya mbere cya Samweli, dusomamo n'ubundi ko mu butayu bwa Zifu, Dawudi yongeye kwanga kwica Sawuli, igihe yari amusanze aryamye akikijwe n'ingabo ze, maze agatwara icumu n'igicuma cy'amazi byari biri ku musego we, bakigendera.

Igitabo cy'Intangiriro (Intg 37,12ss) baratubwira ukutagira imbabazi kwa bene se wa Yozefu ;bo bageze aho bamugambanira bagira ngo bamwice. Turabona ariko kandi ko Yozefu yarokotse ubwo bugambanyi bwa bene se, nyuma yo kugurishwa abanyamisiri, gutabwa mu buroko (Intg39,21ss), ndetse amaze no kuba umutware w'intebe wa Farawo (Intg 41,37ss) ntiyigeze yumva muri we ko agomba kwihorera ahubwo yakoreye abavandimwe be umunsi mukuru (Intg 43,15ss).

Koko inabi ntiyakagombye kwiturwa indi, kuko Yozefu ubwe yari kwihimura kandi akumvisha bene se bari bageze mu mazi abira. Ariko siko byagenze, yarabibwiye baramumenya kandi aranabafungurira.

Ibi byose hamwe n'izindi ngero zishobora kuboneka mu bitabo bitagatifu by'isezerano rya kera, biragaragaza ko muntu w'icyo gihe n'uw'ubu, yifitemo kamere itabangukirwa no gutanga imbabazi.

Imitekerereze y'abantu hano ku isi, koko siyo y'Imana ! Abantu twibwira ko hari amakosa agomba kwihanganirwa n'andi atihanganirwa.Niyo mpamvu kera, bemeraga ko ikosa rihanishwa irindi ukubye kabiri : niba umuntu aguciye akaboko yagombaga kuzacibwa abiri, we ubwe cyangwa umwe mu bo mu muryango we. Yezu we rero ati « Mwumvise ko byavuzwe ngo ijisho rihorerwe ijisho, iryinyo rihorerwe irindi. Jyeweho mbabwiye kudashyamirana n'umugiranabi… »(Mt 5,38ss cyangwa Lc6,29-30).

Mu ivanjili ya Matayo batubwira uburyo bwo guhana bya kivandimwe n'inzira iboneye kugira ngo ushobore gukiza ubugingo bw'uwacumuye(Mt18,15-18). Intumwa nazo, cyane nka Petero yabajije Yezu inshuro byibuze atarenza ababarira mugenzi we umucumuyeho. Yezu ati « Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi(Mt18,21-22). Aribyo bivuga ko impuhwe z'Imana zitagira umupaka, ko ari igisagirane, ko kubabarira bitagira umubare.

Umugaragu utagira impuhwe, yababariwe umwenda w'amatalenta ibihumbi icumi ; ariko we yanga kubabarira mugenzi we wari umurimo gusa umwenda w'amadenari ijana (italenta imwe yanganaga n'ibiro 34 bya zahabu, mu gihe idenari imwe yahembwaga umunyamubyizi umwe ku munsi, kandi nawe yagombaga kuba ari umuntu ukunzwe).

Burya koko ngo akaziriziri ka ntibazirikana umutindi yanga uwa nyina. Ducumura ku Mana kenshi ikatubabarira. Ntihwema kutugabira ibyiza ititaye ku bubi bwacu no ku bicumuro byacu.

Ariko twe tubabarira abo tuzi neza ko dufitanye isano y'amaraso cyangwa abo tuzi ko tubakeshaho indonke. Abo dufitanye isano isumba iy'amaraso, bo kubababarira ntibitubangukira. N'iyo bibayeho ni aka wa mugani ngo « uwambuwe n'uwe ntata ingata ».

UMUNTU AKWIYE KWITWARA ATE IMBERE Y'UWAMUCUMUYEHO ?

Igihe Yezu yigishaga intumwa ze gusenga, yazisabye kujya zitakamba ziti « …utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho… »(Mt6,12). Bityo rero kubabarira ni ngombwa kuri buri wese nk'uko na none kubabarirwa k'uwakosheje ari ngombwa.

Kubera ko abantu twese turi abanyabyaha, si byiza kubona umuntu waguye mu ikosa (yaba uwaryikururiye cyangwa uwaritejwe n'abandi) ngo twumve ko ishyano ryaguye ; ahubwo dukwiye guhangayikishwa n'uko uwo muntu yanze kwisubiraho, maze tugatakambira Imana mu isengesho, kugira ngo ashobore guhinduka. Umukirisitu akwiye kwiyumvisha ko nta cyaha na kimwe Nyagasani atababarira, bityo nawe akababarira abandi atitaye ku buremere bw'icyaha, ahubwo agiriye impuhwe Yezu adutoza kugirira abandi. Yezu wababariye abishi be k'umusaraba ni urugero rw'umunyampuhwe.

Ushaka kubabarira agomba kuba yifitemo urukundo rutarobanura.Imbuto z'urukundo (nk'uko Pawulo Mutagatifu abivuga) zirimo ukwihangana. Umuntu utihangana, ngo afate umwanya uhagije wo gutekereza ku kibi yagiriwe, ntabwo ashobora kubabarira. Ni wa wundi urakara vuba (irascible) maze akibuka ibitereko yasheshe.

Ushaka kubabarira atandukana no kubika inzika. Kuvuga ngo nanjye nzamwumvisha, ngo nanjye nzihorera,… ni ibintu bisenya ubumuntu, maze umuntu agatanga imbabazi zitavuye ku mutima.

Ushaka kubabarira n'ubundi yirinda kwigira umucamanza w'abandi, akirinda amabwire, kuko akenshi ari yo abiba amacakubiri mu bantu. Akwiye kandi gutega amatwi uwamukoshereje kugira ngo yumve niba koko nyir'ikosa yaba ari muzima cyangwa arwaye. Aha rero niho hagaragarira umunyabwenge, wa wundi uzi gutandukanya imvugo n'imitekerereze y'abantu mu muryango, akanaha agaciro ibyo yumvise cyangwa yabonye, akurikije uwabivuze cyangwa uwabikoze n'aho yabivugiye. Ubu se uhuye n'umusazi ariho atera amabuye abo ahuye nabo bose, nyuma akakubwira ngo wa gicucu we !, umuhubukanye urumva byaba atari ukubura ubwenge n'ubwitonzi ?

UWAKOSHEJE SE WE AKWIYE KWITWARA ATE ?

Mbere na mbere uwacumuye agomba kumenya kwicisha bugufi, kugira ngo bimufashe kumva neza ko ari umunyantege nke, kandi yumve ko ishyano atari ugukora ikosa [2], ko ahubwo ari ukutaryicuza.

Agomba kumenya ko kuva ku izima ari ngombwa: hari ubwo abantu twibwira ko turi abanyakuri igihe cyose! Tukibwira ko ari twe tugomba kuvuga kandi tukumvwa.

Ibyo ariko si byo kubera ko abantu badatekereza kimwe kandi ntibakunde bimwe. Bityo rero ibishimisha bamwe ni nabyo bishobora kubabaza abandi.

Agomba kumera nk'umwana muto ukosereza ababyeyi be, ariko ntibimutere guhunga urugo. N'ubwo umugoroba ugera akaza yihishahisha, ibyo aribyo byose aba yiteguye ko igihe icyo ari cyo cyose, ari bubazwe icyo yakoze, ko ari bucyemere kandi ko nibiba na ngombwa ari bucishweho akanyafu. Kwemera icyaha no kugisabira imbabazi ndahamya ko bigabanya uburemere n'ibihano n'ubwo bitabuza icyaha kuba icyaha.

UMUKIRISITU AKWIYE KUMENYA IKI?

Umukirisitu akwiye kumva ko gucumura ari ikintu kigwira buri muntu wese ukiri ku isi, bityo akamenya ko agomba kurwana intambara aharanira ubutungane.

Agomba kumenya kandi ko igihe yacumuye, ategetswe kwicuza no gusaba imbabazi, kandi akaniyemeza kutazasubira. Si byiza kandi kumva ko ibyaha umuntu yaguyemo bimuha akato. Guhishahisha ibyaha ukora mu maso y'abantu, ni indwara ikomeye cyane, kuko abavandimwe batabona aho bahera bagufasha, cyane ko uba wigize intama kandi uri ikirura. Burya ngo nta

[2] Gukora ikosa rikomeye cyane, nko kwica ni ishyano, ariko uwakoze ishyano si igicibwa imbere y'Imana iyo agaruye umutima akicuza, agasaba imbabazi, agahinduka umuntu mwiza.

gihishe kitazahishurwa, kandi Yezu niwe wivugira ko icyo ashaka ari impuhwe atari igitambo kandi ko atazanywe no guhamagara intungane ahubwo abanyabyaha.

Abakirisitu bakwiye iryo zina, bagomba kwitoza guhanana bya kivandimwe, bakirinda gushyirana ku karubanda nk'uko Yezu abitugiramo inama.

Umukirisitu akwiye kurangwa n'ubushishozi, ubwitonzi n'ukwihangana, kugira ngo icyo yumvise cyangwa yabonye, ashobore kugisuzuma mbere yo gufata umwanzuro.

Twisabire twese abakirisitu gushyira mu ngiro amagambo dusanga mu isengesho Yezu yatwigishije agira ati "... utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho...".

Fratri René Claude HAKIZIMANA
Paruwasi BUSASAMANA

MU BIHE BIKOMEYE BY'UMWAKA WA LITURUJIYA BIKIRA MARIYA ATWIGISHA IKI ?

MU GIHE CYA ADIVENTI NA NOHELI

Kuva kera abantu bizeye ko bazabona Imana ivuye mu ijuru ryayo, ikaza iwabo, bizera nta shiti ko byose byagenda neza kurushaho Imana ubwayo izanye umugisha wayo ikerekana n'ububasha bwayo.Uko kwizera kubona Imana yigaragaza mu mibereho yacu, kuba mu mutima w'abantu kuko ari Imana ubwayo yakubashyizemo. Icyifuzo cyo kugira ubumwe n'Imana, ni ikimenyetso gikomeye cy'umugambi wayo mu bantu, ni ijwi ry'Ijambo yatubwiye mu mutima wacu.

Nubwo wari ufite amasengesho ahimbaje umuryango wa Isiraheli wasengaga kenshi ugira uti: "twereke uruhanga rwawe,kingura ijuru maze uze dushobore kubona uruhanga rwawe"(Iz63,19).

Koko rero ukuza kw'Imana mu bayo ni ryo herezo ry'amasezerano akomeye Isiraheli yazirikanye mu masekuruza n'amasekuruza, Abahanuzi benshi nabo bavuze kuri iri sezerano: "Ni isezerano rishya, rishingiye k'ugushyingiranwa gushya, k'ubutabera n'ubutungane, amahoro, urugwiro n'urukundo"(Hoz2,20-24). Ritandukanye n'iry'Uhoraho yagiranye n'abasekuruza b'ummuryango wa Israheli igihe abafata ukuboko akabavana mu gihugu cya Misiri; n'ubwo bo bishe isezerano ry'Uhoraho(Yer31,33). Ezekiyeli Umuhanuzi we agira ati:"Ni isezerano ry'amahoro, rizahoraho iteka kandi rigahindura imitima kuko Uhoraho azatura rwagati muri bo, bityo ababere Imana nabo bamubere umuryango"(Iz37,27).

Umuryango wa Isiraheli wari utegereje Umucunguzi. Nuko Izayi ahanura agira ati:"Dore ngaha Umwari asamye inda, akazabyara Umuhungu maze akazamwita Emmanweli: Imana turi kumwe"(Iz7,14).

Indoto y'abantu rero si inyabasazi nk'uko umuntu yabikeka: inyota y'abantu idashira yo gushaka kubona Imana ni nziza rwose. Umugore azabyara Umwana,Emanueli. Uwo munsi abantu bazaririmba bati: "Abantu bagendaga mu mwijima babonye urumuri nyamwinshi; abari batuye mu gihugu cy'icuraburindi urumuri rwabarasiyeho... kuko wabakijije umuzigo bari bikoreye, ingiga yabashenguraga ibitugu n'ikiboko cy'uwabakoreshaga agahato warabijanjaguye...Kuko Umwana yatuvukiye twahawe Umuhungu, ubutegetsi bumuri mu bitugu ahawe izina: "Umujyanama w'agatangaza, Imana idahangarwa, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro"(Iz9,1-5).

**Umwari uzasama akabyara Umukiza ni nde ?*

I Nazareti ho mu Galileya mu Kadugudu gakennye, bemezaga ko nta cyiza cyagaturukamo. Hari abakobwa benshi b'amasugi. Birashoboka ko iyo bumvaga ubuhanuzi bwa Izayi, buri wese yicinyaga icyara avuga ati: "wabona arinjye uzabyara Umukiza". Nyamara Imana yitoranyiriza Mariya, uwo yari yararinze ubwandure bw'umutima n'ubw'umubiri, Umwari wari warasabwe n'umuhungu witwa Yozefu. Ntagushidikanya ko imiryango yombi yari yarumvikanye guhana abageni, igisigaye ari ukurangiza imihango ijyanye n'umuco wa Kiyahudi. Igihe bitaraba, buri wese yabaga iwabo kandi akibaza uburyo urugo rwabo ruzamera, ikizabatunga bo n'abana babo. Bifuzaga ko urugo rwabo rwazagira umugisha, rugasugira kandi rugasagamba rwose. Yozefu wenda yari yizeye kuzabyara umuhungu uzamusimbura k'umwuga w'ububaji. Bari bafite iyobokamana rikomeye kuko barerewe mu muco wa Kiyahudi ndetse n'umuryango wabo wari indakemwa mu mategeko ya Kiyahudi. Nk'umukobwa wa rubanda rugufi, na We yicishaga bugufi, nta handi amizero ye yarashingiye hatari ku mpuhwe z'Imana. Yarategereje kimwe n'abandi amaza y'Umukiza, Emanueli wavuzwe n'abahanuzi. Mu gihe bari bashikamiwe n'abaromani bashishikariraga igitekerezo cyo kugobokwa n'Imana, bafite ishyushyu ryinshi, kandi bafite inyota yo kubohorwa: Izayi nawe yarahanuraga ati: "Hazaba ingoma irambye, n'amahoro atagira iherezo, ku ntebe ya Dawudi n'ubwami bwe; azabishinga kandi abikomeze mu butabera n'ubutungane ubu n'iteka ryose. Uhoraho Umugaba w'Ingabo azabisohoza kubera umwete we wuje urukundo"(Iz9,6). Kimwe n'umuryango wa Isiraheli, amizero ya Yozefu na Mariya ni uko Umukiza uzakiza igihugu abanzi bacyo agashinga ubudahemuka ku isezerano, azaza. Niko

Nyagasani yabirahiye kandi azabikora. Ibikurikira biratwumvisha kurushaho imigenzo myiza yaranze Bikira Mariya nko kumva, gutekereza no gufata umugambi, kwiyoroshya no gukunda bishyitse, gushimira Imana ibyiza itugirira twisunze Umubyeyi Mariya, kandi tugashinga ibirindiro m'ukwemera.

1.KUMVA,GUTEKEREZA NO GUFATA UMUGAMBI

(Ecouter, Juger et Décider).

Malayika aza iwabo aramubwira ati : »Ndakuramutsa Mutoni w'Imana Nyagasani ari kumwe nawe ». Yumvise ayo magambo arikanga, yibaza icyo iyo ndamutso ivuga. Malayika aramubwira ati : »Wigira ubwoba Mariya, kuko wagize ubutoni ku Mana. Dore ugiye gusama inda, ukazabyara Umuhungu, maze ukazamwita izina rya Yezu… Nuko Mariya abwira Malayika ati : « Ibyo bizashoboka gute kandi nta mugabo mfite ? » Malayika aramusubiza ati : « Roho Mutagatifu azakumanukiraho, maze ububasha bwa Nyir'ijuru bukubundikire mu gicucu cye, ndetse ugiye kuvuka azaba intungane kandi azitwa Umwana w'Imana… Mariya aravuga ati : « Ndi Umuja wa Nyagasani byose bibe uko ubivuze ». Nuko Malayika amusiga aho aragenda(Lk1,28-38).

Birashoboka ko Mariya kimwe n'abandi yari mu turimo two mu rugo. Ikindi kandi yari azi amateka y'Igihugu cye, ndetse yashoboraga kuvuga ibyanditswe yigiye iwabo mu mutwe. Nuko agira atya amera nk'uhamagawe n'umuntu, yumva izina rye. Mariya yumva Umusumbabyose amubwira ati : « Ndakuramutsa Mutoni w'Imana,Nyagasani ari kumwe nawe ». Mbega inkuru nziza ! Itandukanye kure n'uwakubwira ati : « Nguhaye inka, nguhaye imodoka, nguhaye indege ejo buzacya bikora impanuka ; itandukanye kandi n'iy'umusore wabwira umukobwa ati : « Ndagukunda », ejo yakugeza iwe akajya aguha inshyi. Ni inkuru itanga umunezero n'amahoro bituruka kuri Roho w'Imana : wabaye Umutoni mu maso y'Imana.

Mariya atega amatwi, ahama hamwe, arabyumva maze we wese arareka afatwa n'Imana. Rwagati muri ubwo bwisanzure bw'ibyishimo no kwakira, mu bwenge bwe hazamo rya sezerano rya kera yibuka neza ngo : « Umwana azavuka, Umuhungu azatangwa ». Mariya rero ntabyumva gusa ahubwo anabitekerezaho. Nuko agira ubwoba.Niko kwibaza ati : « ibyo bizashoboka bite ? cyangwa ibyo bishaka kuvuga iki ? ».Mariya ntarangaye ahubwo ateze amatwi, maze yumva abwiwe ngo : « Dore uratwite, uzabyara Umuhungu, kandi Umusumbabyose azamwegurira ingoma ya Se Dawudi,ingoma ye ntizagira iherezo.Ibyo se bizashoboka bite ? Ku mubiri yari atariha Yozefu.Ariko Roho ni Umunyabubasha, We warerembaga ku mazi igihe cy'iremwa. Ni koko ashobora kubeshaho Umwana mu nda ya Bikira Mariya mbere y'uko ajya kwa Yozefu. Mu kwemera k'umuryango we no mu bwizere bw'umutima we aziko nta kinanira Imana. Nawe se urabyemera ?

Nuko mu kwigira munzinya imbere y'impuhwe z'Imana ye, zamusabye umubiri wose, Mariya arapfukama maze araramya agira ati : « Jyewe ndi Umuja wa Nyagasani ibyo avuze bingirirweho ». Mbega umwanzuro ukomeye ! Mariya aremera, yemera ibyo Imana imusabye abikuye ku mutima, aguma aho, yuje amahoro, yifitemo ibanga ko atwite. Ni Imana yabikoze. Ndi iki ngo mbe nakwanga umugambi w'Imana ? Gutwita kuri ubwo buryo, mbega amayobera ! Imana ni igitangaza. Mu gihe Mariya azirikana amahirwe y'agatangaza y'uguhita kw'Imana no kubonekerwa na Yo. Arakibaza icyo azabwira ababyeyi be n'abaturanyi. Yozefu se we azamubwira iki ? We azabyakira ate ? Se mama bibaye ku musore n'umukobwa barambagizanya babyitwaramo bate ? Mariya na Yozefu barabyakiriye ndetse bigera n'aho amujyana iwe.

2. KWIYOROSHYA NO GUKUNDA.

Amayibukiro ya mbere atatu yo kwishima asobanura neza iyi migenzo: Gabriyeli Mutagatifu abwira Mariya ko azabyara Umwana w'Imana: dusabe inema yo koroshya. Bikira Mariya ajya gusuhuza Elizabeti Mutagatifu: dusabe ingabire yo gukundana, na Yezu Kristu avukira i Betelehemu: dusabe inema yo kutita ku by'isi. Iyi migenzo kandi umwe usobanura undi maze ikanuzuzanya.

Muri iyo minsi Mariya yarahagurutse ajya gusura Elizabeti; agenda imisozi n'inzira ndende igana mu Yudeya yihuta cyane kubera urukundo, rumwe rwihangana rukanitangira abandi

(1Kor13,4-7). Ngo ahagere biba ibyishimo. Ako kanya ikimenyetso cy'Imana cyongera ukwemera kwa Mariya: Umwana Elizabeti yari atwite yisimbizanya ibyishimo mu nda. Koko rero Imana yahaye uburumbuke umugore w'ingumba maze imuha ibyiza. Nta muntu uhwanye na Nyagasani, ni We ubeshaho.

Ku bubasha bwa Roho Mutagatifu, ukubonana kwe na Elizabeti, Bikira Mariya yakugiriyemo ukwemera gukomeye. Na Roho ye yose n'umubiri we wose, yitanga atizigamye nta kindi aricyo uretse kwakira Rukundo wa Nyagasani akazamugeza ku bandi. Mariya yiyiziho kuba rubanda rugufi n'umukene, utitaweho ariko wahagijwe ibyiza n'"ukora ibintu by'agatangaza". Muri urwo rumuli rurabagirana rumuriho, yiha Imana ayihebeye burundu, maze umutima we usabwa n'ibyishimo n'ubwuzu ati: "Roho yanjye irasingiza Nyagasani, kandi umutima wanjye uhimbajwe n'Imana Umukiza wanjye"(Lk1,47).

Amizero avukiye imbaga, isi nshya iratangiye, isezerano rya kera rirujujwe. Imana yibutse urukundo rwayo. Abikuza baratatanyijwe, abanyamaboko bahantanurwa ku ntebe zabo, abakungu basezererwa amara masa. Naho abintamenyekana barakuzwa, abashonji bahazwa ibintu(Lc1,51-53).

3.GUSHIMIRA IMANA IBYIZA INGIRIRA
NISUNZE UMUBYEYI BIKIRA MARIYA.

Muri iki gihe turimo cy'iterambere, umuco wo gushimira ugenda uyoyoka. Ibikorwa by'urukundo byabaye bike, iby'ubu ni mpa nguhe. Ni akebo kajya iwa Mugarura cyangwa ngo inuma y'i Burundi yatumye kuy'i Rwanda ngo: "Ha uguha". N'ugize ngo aratanga aba afite imibare y'urwunguko rwa vuba cyangwa ruzatinda. Ugize icyo atunze cyaba icya Roho cyangwa icy'umubiri yumva bidahagije. Bityo mu mutima wa muntu hagahoramo gusa kwifuza, kurarikira, gusaba n'inyota idashira y'ibintu.

Mu ibaruwa: Rosarium Virginis Mariae ya Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo wa II yandikiye Abepiskopi, Abasaserdoti n'Abakristu bose ku byerekeye Rozari, atubwira ko igice cya 1 cy'amibukiro agize ishapule (Amibukiro yo kwishima), kirangwa n'ibyishimo bikomoka k'ukwigira Umuntu kwa Kristu. Ibyo bigaragara kuva igihe cy'integuza y'ivuka rye kuko indamutso ya Malayika Gabriyeli asuhuza Umukobwa w'isugi w'i Nazareti yibutsa ubutumire ku byishimo by'ugucungurwa: "Ndakuramutsa Mariya". Amateka yose y'umukiro ndetse n'amateka y'isi afite indunduro muri ubwo butumwa. Koko rero niba umugambi w'Imana ari uwo gukoranyiriza ibintu byose muri Kristu (Ef1,10),muri ubwo buryo isi yose ni yo yakiriye iyo neza y'Imana, yatumye Imana Data yibuka Bikira Mariya kugira ngo abe Nyina w'Umwana Wayo; bityo rero abantu bose binjiye muri icyo gikorwa cyatumye bagira uruhare rudashidikanywa k'ugushaka kw'Imana.

Ibyishimo bigaragarira mu guhura kwe na Elizabeti; ubwo ijwi rya Bikira Mariya na Kristu yari atwite, byatumye "Yohani Baptista yisimbizanya ibyishimo"(Lk1,44). "Ubuhehere bw'ibyishimo bwisesuye kuri Betelehemu, igihe ivuka ry'Umwana w'Imana Umukiza w'abantu, ririrmbwe n'abamalayika kandi rigatangazwa n'abashumba nk'Inkuru nziza ikomeye cyane kandi ishimishije"(Lk2,20). Abamalayika bo bati:"Imana nikuzwe mu bushorishori bw'ijuru kandi no mu nsi abantu ikunda bahorane amahoro"(Lc2,14). Ari Mariya, Elizabeti, Abashumba n'Abamalayika, bose baririmbye indirimbo z'ibyishimo. Twe dushimira dute Imana n'abantu? Nuko rero kuzirikana amibukiro yo kwishima bivuga kwinjira mu mpamvu nyakuri z'ibyishimo bya gikristu no mu gisobanuro nyakuri cyazo. Bikira Mariya rero atugeza ku gusobanukirwa ibanga ry'ibyishimo bya gikristu, atwigisha ko mbere na mbere ubukristu ari inkuru nziza itanga ibyishimo bihoraho muri Jambo wigize Umuntu akaba n'Umukiza rukumbi w'isi. Koko rero twarategereje none wa Mukiza yaraje imitima yacu yuzuyemo ibyishimo.

Kuki tutashimira Imana ?

4 . BIKIRA MARIYA URUGERO RW'UKWEMERA

Ukwemera kwa Bikira Mariya si ikimanuka, si ibikabyo.Ntibiterwa gusa n'uko Imana ubwayo imwibwiriye ahubwo aragusanganywe, yagukuriyemo.Ni ukwemera k'umuryango

w'Imana uko amasekuruza agenda asimburana. Koko rero : « ukwemera ni ishingiro ry'ibyo twizera, kukatubera n'icyemezo cy'ibitagaragara. Ukwemera niko kwahesheje abakera gushimwa n'Imana, ukwemera kutwumvisha ko ibyaremwe byatunganijwe n'Ijambo ry'Imana bityo rero ibigaragara bigashushanya ibitagaragara. Ukwemera kwatumye Abeli atura igitambo gitambutse icya Gahini. Ukwemera kwatumye Henoki ajyanwa ahonoka urupfu. Ukwemera kwatumye Abrahamu yumvira Imana agenda agana igihugu cy'isezerano kandi agituramo nk'umushyitsi. Ukwemera kwatumye Sara wari ugeze mu zabukuru ahabwa ubushobozi bwo gusama. Ukwemera kwatumye igihe cy'igeragezwa Abrahamu atura Izaki ho igitambo. Ukwemera kwatumye Izaki aha Ezawu na Yakobo umugisha. Ukwemera kwatumye Yozefu wendaga gupfa atangaza imitahukire y'Abana ba Israheli. Ukwemera kwatumye Musa ahishwa n'ababyeyi be amezi atatu yose. Ukwemera kwatumye Musa yimuka mu Misiri maze ahimbaza Pasika. Ukwemera kwatumye inyanja itukura iba nk'ubutaka bwumutse. Ukwemera kwatumye Rahabu w'ihabara atarimburwa hamwe n'ibyigomeke.
Ukwemera kwatumye Gideyoni, Baraki, Samusoni,Yefuti, Dawudi na Samweli n'abahanuzi batsinda amahanga bategekana ubutabera kandi buzurizwa n'amasezerano »(Heb11,1-33 ;39-40). None dore ukwemera gutumye Mariya, umukobwa w'Umuyahudikazi wo mu kadugudu gato k'i Nazareti abyara Umwana w'Imana. Igihe cyose Mariya yabanye n'Imana abikuye ku mutima. Birumvikana ko icyifuzo cye cyari ukubyarana na Yozefu none dore Imana yiyerekanye ukundi. Bikira Mariya we afite umutima wiyoroshya, kuki yashidikanya ku bubasha butagereranywa bw'umugengabyose ? Ni izihe nzozi zashobora kugangama imbere y'Umugambi w'Imana ye ? Koko Mariya yahamije ibirindiro mu bwiyoroshye bw'ukwemera, ashobora kumva ibyo amenyeshwa nta gukuka umutima ndetse avugana umutima wuje amahoro ati : « Ndi Umuja wa Nyagasani ». Ukwemera kwa Mariya gushinze imizi mu burumbuke bwa Roho.Umugore wemeye ararumbutse n'ubusugi bwe si inkomyi ahubwo ni ukubohorwa kugira ngo Roho amukoreremo ibyo ashaka byose. Ni uburumbuke budakomoka ku cyifuzo cy'abantu ahubwo bugakomoka kuri Roho w'Imana.

UMWANZURO.

Igihe cy'adiventi na Noheli kitwibutsa kwitegura Umukiza maze akavukira mu mitima y'abamwemera. Koko rero umunsi wa Noheli utwibutsa ivuka rya Yezu Kristu, Imana rwose n'Umuntu rwose waje muri twe abyawe na Bikira Mariya. Ibyo tumaze kuvuga ni nk'igitonyanga mu nyanja. Mu guhamya ko Imana yakoze ibintu by'akataraboneka muri Mariya Nyina wa Yezu, kandi Mariya akaba urugero rw'ukwemera n'urw'ubudahemuka, kuva kera abakristu bakunda kumukorera iminsi mikuru, bakamuhimbaza bamuha amazina meza ashobora kubaho ; ibyo na byo ntibihagije.

Ni abakristu bo mu burasirazuba batinyutse bwa mbere kumuha izina ry'agatangaza bishobora kwitwa Umugore ngo « Theotokos ». Iryo jambo ry'ikigereki risobanura ngo : « Nyina w'Imana ». Mu by'ukuri rero izina rya mbere rya Mariya, ni « Nyina wa Yezu ». Yezu rero ni Imana koko, umuntu rero ashobora kuvuga mu kuri kose ko Mariya ari Nyina w'Imana, kuko Umwana we ari Imana. Mariya yabaye uwa mbere mu kwemera Yezu. Niyo mpamvu na none abakristu bamuha irindi zina : « Umubyeyi wa Kiliziya ». Aho abakristu bose bateraniye mu izina rya Yezu, baba bafite ishusho ya Mariya hagati yabo. Kiliziya nyinshi ku isi yose ziramwitirirwa. Mu Rwanda by'umwihariko yaradusuye : Bikira Mariya Mwamikazi wa Kibeho. Diyosezi yacu ya Nyundo nayo yaramwitiriwe : Bikira Mariya Umwamikazi w'abakene.

IBITABO BYIFASHISHIJWE :

- Suzel Gerard, Mariya Umugore w'inzirandende, Imprimerie Euthymia, Butare,1985.
- Ibaruwa « Rozarium Virginis Mariae ya Nyirubutungane Papa Pawulo wa II yandikiye Abepiskopi, Abasaserdoti, Abihayimana n'Abakristu bose ku byerekeye Rozari.

Fratri Théoneste NZAYISENGA

TUZIRIKANA IKI KU MUNSI MUKURU WA ASOMUSIYO
(Assomption)

Asomusiyo ni umunsi mukuru w'ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya. Wizihizwa tariki ya 15 Kanama buri mwaka. Uyu munsi washyizweho na Papa Nikola wa mbere (Nicolas I) ahagana mu kinyejana cya 9. Uwo mu Papa yayoboye Kiliziya kuva muri 858 kugera 867. abakirisitu gatolika bose bizihiza uwo munsi.

Muri Kiliziya y'u Rwanda aba ari akarusho :abakristu bamwe berekeza i Kibeho aho uwo Mubyeyi Bikira Mariya yasuye u Rwanda by'umwihariko, abandi bakagana ku Ngoro y'Umubyeyi Bikira Mariya muri za Diyosezi zabo, abatabishoboye bakajya mu Missa muri paruwasi zabo cyangwa se za santarali, abadafite imbaraga bakavugira Rozari mu ngo zabo. Uwo munsi kandi aba ari umunsi mukuru wa Radio Mariya Rwanda, uwo Mubyeyi yagabiye Kiliziya y'u Rwanda ngo ifashe Kiliziya mu Iyogezabutumwa ; dore ko yanashinzwe ku munsi mukuru wa Asomusiyo (15.08.04).

Muri Diyosezi yacu ya Nyundo ho aba ari agahebuzo : abakristu benshi berekeza muri paruwasi ya crête Congo-Nil ku murwa wa Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene, bakifatanya n'Umwepiskopi wacu Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, akikijwe n'abasaseridoti n'abihayimana mu gushimira Imana ibyiza uwo Mubyeyi Bikira Mariya agirira Diyosezi yacu ya Nyundo.

Ku munsi nk'uyu rero tuzirikana iki ?

1.BIKIRA MARIYA YAJYANYWE MU IJURU, N'UMUBIRI WE NA ROHO YE.

Kuki tuvuga ko Bikira Mariya yajyanywe mu ijuru n'umubiri we na Roho ye ? (Asomusiyo).

A.BIKIRA MARIYA NTIYABAYE INDOREREZI MU GIKORWA CYA KRISTU CYO GUCUNGURA ISI.

Mu ibaruwa yandikiye Ababebureyi batubwira byimazeyo ukuntu Yezu yemeye kuza ku isi: "Koko rero nta kuntu amaraso ya za Ruhaya n'ibimasa ashobora kuvanaho ibyaha, nicyo cyatumye igihe Kristu aje ku isi yavuze ati: "Ntiwanyuzwe n'ibitambo n'amaturo... Nuko ndavuga nti "Dore ndaje ngo nkore ugushaka kwawe Dawe". Ni ku bw'uko gushaka kandi twatagatifujwe n'ituro ry'umubiri wa Kristu ryabaye rimwe gusa"(Hb10,4-10).

Iyo "ndemeye" ya Yezu, Mariya yayunzemo agira ati: "Ndi Umuja wa Nyagasani byose bimbeho uko ubivuze"(Lk1,38). Byongeye kandi Bikira Mariya avuga ati "Ndemeye" ntibyari amagambo gusa byagombaga no kuzagaragarira mu buzima bwe bwose. "Nawe kandi inkota izakwahuranya umutima maze ibitekerezo biri mu mitima ya benshi bigaragare"(Lk2,36). Amaherezo rero, byose byuzurizwa ku musaraba igihe Yezu agize ati: "Mubyeyi dore Umwana wawe, Mwana dore Nyoko"(Yh19,25).

B. BIKIRA MARIYA YASANGIYE IKUZO N'UMWANA WE.

Kuba ikuzo rya Kristu ryaragaragariye no mu mubiri we, igihe yazutse mu bapfuye, byatumye n'uwo basangiye byose na we akuzwa kugeza mu mubiri we(Assomption). Nibyo koko: Uwatwise Yezu ku bwa Roho Mutagatifu, akamubyara, akamurera, akamukuza, bagasangira ubutumwa, ibyishimo, ishavu n'ububabare, ntiyari kubura gusangira nawe ikuzo. Ni nayo mpamvu ituma Mutagatifu Pawulo Intumwa abwira Timote ati: "Dore ijambo rikwiye kwizerwa: "Nidupfana na We tuzabaho hamwe na We, nituba intwari hamwe na We tuzima ingoma hamwe na We"(2tim2,11-12). Natwe rero tukaririmba nta mususu tuti:

"Waratanze nka rubanda
Maze ujyanwa mu ijuru
Uhasanga Umwana wawe
Aherako akwimika".

C. NYINA WA JAMBO YARAKUJIJWE ASUMBA ABAMARAYIKA

Iyo turirimba ibisingizo bya Bikira Mariya tugira tuti: "Mwamikazi w'Intumwa, Mwamikazi w'Abamarayika, Mwamikazi w'Abatagatifu bose, Mwamikazi w'Abahowe Imana", ndetse tukongeraho tuti:"udusabire". Kuba Bikira Mariya yarajyanywe mu ijuru si ibintu bishya mu mateka y'umuryango w'Imana. Ingero ni nyinshi mu byanditswe bitagatifu, reka dufate gusa

urugero rwa Eliya: “Bakigenda baganira igare ry’umuriro n’amafarasi y’umuriro biba biraje birabatandukanya. Eliya azamuka mu ijuru mu nkubi y’umuyaga“(2Bami2,11).
“Ikindi kandi Yezu ubwe akimara kuzuka, imva zarakingutse n’imibiri y’Abatagatifu benshi yapfuye irazuka. Yezu amaze kuzuka nabo bava mu mva zabo bajya mu Murwa Mutagatifu maze babonekera abantu benshi“(Mt27,52-53). Kuki rero iryo kuzwa rya Bikira Mariya ritategereje umunsi w’imperuka nk’uko bizagendekera abandi bayoboke ba Kristu? Ni uko Bikira Mariya ntacyo yategereje mu gusangira byose n’Umuhungu we. Bityo rero abisobanura neza agira ati “Kuva ubu amasekuruza yose azanyita Umuhire“(Lk1,48).

D.ICYAHA CY’INKOMOKO UMUNTU WESE AVUKANA NTIYIGEZE ACYANDURAHO

Duhamagarirwa twese kuba intungane turebeye kuri Bikira Mariya kandi tumwisunga. Ni nayo mpamvu Bikira Mariya yakujijwe, nta nenge, nta bwandu cyangwa ubwandavure, muri make nta cyaha. Gukuzwa k’umubiri wa Bikira Mariya rero kurumvikana cyane rwose kuko n’ubusanzwe umubiri wa muntu ushanguka kubera icyaha. Bikira Mariya we ntikigeze kimugiraho ububasha. Nta gushidikanya rero kuva aho isi igera hose mu moko menshi y’abantu baririmba Imakulata(Immaculée).Natwe tukikiranya amajwi yacu tuti: “Mariya utarasamanywe icyaha: urajye udusabira twe abaguhungiyeho“.

2. ROZARI NTAGATIFU.

Bimwe mu biranga umukirisitu gatolika ni ukurangamira Yezu Kristu mu Ijambo ry’Imana, mu Ukaristiya, mu isengesho no muri mugenzi we yifashishije Rozari ntagatifu. Si isengesho rikorerwa mu Kiliziya cyangwa ahihererye gusa. Ni n’isengesho twakorera mu kazi, mu rugendo: rwaba urw’amaguru, imodoka cyangwa indege, ndetse no mu byo Imana yaremye. Koko rero imibereho ya Kristu twifuza kuzirikana mu byanditswe bitagatifu, yose ikubiye muri Rozari ntagatifu. Bityo, ushaka wese kuba umukristu w’ukuri agomba kwisunga Umubyeyi Bikira Mariya, we Senakolo(Cenacle) akaba n’urugero rw’abakristu n’abogezabutumwa barangajwe imbere na Kristu. Uwo Mubyeyi Bikira Mariya ni We Papa Yohani Pawulo II yita : “Inyenyeri y’Iyogezabutumwa rishya“, Ni nka ya Nyenyeri y’abanyabwenge baturutse i Burasirazuba bwa Yeruzalemu baje kuramya Yezu(Mt 2,1-12). Ni nawe Nyenyeri igomba kutugenda imbere mu butumwa bwacu.
Uwo Mubyeyi ni We ngoro y’Imana yatuyemo mbere y’uko itwigaragariza, nkuko tubihamya mu ndangakwemera yacu tugira tuti: “Yasamwe ku bwa Roho Mutagatifu, abyarwa na Bikira Mariya, nuko aba umuntu“. Uwo Mubyeyi Bikira Mariya rero yagiye mu ijuru n’umubiri we na Roho ye (Asomusiyo), kuko uwo yabyaye akamurera akamukuza ariganjemo.

*****_Rozari ntagatifu ni iki ?_

Rozari ni isengesho rikorwa hifashishijwe ishapule. Ni Rozari ya Bikira Mariya nk’uko Papa Pawulo wa II abivuga : ni isengesho ryasakaye ku isi buhoro buhoro mu kinyagihumbi cya kabiri, ku bw’imbaraga z’Imana ryakunzwe na benshi mu batagatifu kandi rishyigikirwa n’ubuyobozi bwa Kiliziya. Ni isengesho rifite agaciro gakomeye ryeze, ryera kandi rizakomeza kwera imbuto z’ubutungane igihe cyose abakristu bazashobora kuvumbura ubukungu buhishe mu ishapule. Ibyo bigasobanura : « Kwinjira wese mu iyobera ryo gushengerera Kristu we mahoro yacu ».
Mu by’ukuri isengesho rya Rozari ni isengesho ryo kurangamira no gushengerera. Bitabaye ibyo ryaba ryambuwe agaciro karyo.
Papa Pawulo wa 6 we agira ati : « Isengesho rya Rozari ritazirikanyweho ngo habeho gushengerera no kurangamira Kristu ryaba rimeze nk’umubiri utagira Roho. No kurivuga wirukanka ugirango urangize umuhango byaba bidatandukanye n’ibyo Yezu avuga agira ati : « Igihe musenga ntimugasukiranye amagambo nk’abapagani batazi Imana, bibwira ko amagambo menshi ariyo atuma bumvwa »(Mt6,7).

*****_Ubuhamya ku mateka ya Rozari._

Nk’uko abahanga mu mateka babivuga , isengesho rya Rozari ni irya kera, ndetse umuntu yakwemeza y’uko atari iry’ejo n’ejobundi. Abakristu ba Kiliziya y’ikubitiro bifashishaga umugozi w’amapfundo, bakava ku ipfundo bajya ku rindi bakoresheje intoki, bityo bakabara ibikorwa byiza babaga bakoze. Nyuma y’uko Bikira Mariya abonekeye Mutagatifu Dominiko, nibwo yahise

ategura neza iri sengesho, maze ryitwa rityo « isengesho rya Rozari cg ishapure ya Rozari » , arangije arikwirakwiza mu bakristu.

Umuhanga mu by'amateka witwa Kasteliyusi(Castellius) agereranya Mutagatifu Dominiko (wavukiye mu gihugu cya Espagne mu 1170-1221) nk'Umubyeyi wa Rozari bitewe n'uburyo yahumekewemo n'Umubyeyi Bikira Mariya. Nyuma y'aho Rozari yakwirakwijwe ku buryo bw'agatangaza na Mutagatifu Dominiko, icyo gihe abanyabyaha benshi barihannye kubera Rozari.

Amateka agaragaza kandi ko Bikira Mariya amaze kubonekera Dominiko mu 1213, yatangiye kwamamaza n'umutima we wose n'imbaraga ze zose Rozari ntagatifu mu bemera bose.

Mu 1216 yashinze ikigo cy'Abihayimana b'Abogezabutumwa (les Dominicains ou les Frères Prêcheurs). Abo bihayimana batangiye gushyiraho uburyo buhamye bwo kuvuga ishapule, bayizirikanaho (Chapelet médité) cyane cyane bibanda ku buzima bwa Yezu na Mariya. Icyo gihe rero nibwo bayise ishapule ya Rozari (Chapelet du Rosaire). Koko rero ishapule yari imeze nk'indabyo ziri ku birenge bya Bikira Mariya. Rozari yuzuye yashyizweho tariki ya 16/10/2002 na Papa Pawulo wa II, ikaba igizwe n'amibukiro y'ubwoko bune : kwishima, ishavu, ikuzo, n'amibukiro y'urumuri. Yose hamwe rero yerekana inshamake y'Ivanjili ya Yezu Kristu.

Dore muri make icyo ayo mibukiro atwibutsa :

1. Amibukiro yo kwishima: atwibutsa ukwigira umuntu kwa Jambo, n'ubuzima bwe kuri iyi si, mu mibereho ye nk'abantu, atagize icyo abitandukanyaho keretse icyaha

2. Amibukiro y'urumuri: yerekana ibice by'ingenzi by'ubuzima bwa Yezu mu mibereho ye rusange hamwe n'abantu yaje gucungura.

3. Amibukiro y'ishavu: atwibutsa ko Yezu wari umuntu akaba n'Imana yababaye, yahuye n'ibizazane nk'ibyacu, arakubitwa, arabambwa kandi apfira ku musaraba.

4. Amibukiro y'ikuzo: atwereka byimazeyo ko Yezu yatsinze icyaha, icyago n'urupfu maze akazuka ku munsi wa gatatu, nk'uko byari byaranditswe, nuko azamukira mu ijuru yicara iburyo bw'Imana Data. Ni aha ngaha kandi tuzirikana byuzuye, Bikira Mariya apfa akajyanwa mu ijuru hanyuma akimakazwa, tukaboneraho rero dusaba inema yo gupfa neza, kumwizera no kuzabana na we mu ngoma y'ijuru, aho aganje asangiye ikuzo n'Umwana we.

UMWANZURO

Bikira Mariya yagiye mu ijuru n'umubiri we na Roho ye (Asomusiyo). Ibyo rero bitwereka twe abamwisunga kandi tukamwiyambaza ngo adusabire ko uruhare rwe rutagereranywa mu mugambi w'Imana wo kuducungura. Uruhare rwe rurenze urw'abakurambere bacu mu kwemera, kuko ukwemera kwe kwatumye abantu baronka Umukiza wari utegerejwe kuva mu bihe byose. Ishema rya Bikira Mariya ni uko yumvise ijambo ry'Imana akarikurikiza (Mk3,35), nuko aho amariye kubyara Yezu, ukwemera kwe kurushaho ndetse ntiyigera acogozwa cyangwa ngo atsindwe n'ikigeragezo cy'umusaraba kuko yari yaragize ati: "Byose bimbeho uko ubivuze"(Lk1,38). Hanyuma aho amariye gupfa no kujyanwa mu ijuru asangira n'Umwana We ikuzo (Asomusiyo).

Bikira Mariya ni urugero rw'ikirenga ku bemera Yezu Kristu bose kuko ntawe ukunda Umwana ngo yange Nyina. Niyo mpamvu afite uruhare rutagereranywa mu murimo wa Kristu wo guhuza Imana n'abantu. Tumwiyambaze adusabire ingabire dukeneye zose ngo ubukristu bwacu burusheho kuryohera abandi dukoresheje Rozari Ntagatifu.

IBITABO BYIFASHISHIJWE:

* Bimwe mu bisubizo ku bibazo bikomeye by'Ukwemera kanditswe na Padiri Théophile TWIZELIMANA.
* Ibaruwa "Rosarium Virginis Mariae, Nyirubutungane Papa Pawulo wa II, yandikiye Abepiskopi, Abasaserdoti n'Abakristu bose ku byerekeye Rosari.

Fratri Théoneste NZAYISENGA

MU RUGAMBA RWO GUKUNDISHA ABALAYIKI KILIZIYA

Gahunda y'inyigisho zigenewe abakangurambaga b'iyogezabutumwa yatangiye mu by'ukuri mu mwaka w'2004 ku gitekerezo cya Padiri Emmanuel Nyampatsi wasanze ari ngombwa guhugura abalayiki kugira ngo bareke kuba indorerezi muri Kiliziya yabo, ahubwo bamenye umwanya n'uruhare bafite mu kuyubaka.
Muri iyi nyandiko,turavuga ibyiza twahungukiye,byadufashije kandi natwe twiteguye gufashisha abandi.

GUHUGURA ABALAYIKI NI UMUHIGO WA SINODI YACU

Umwe mu mihigo ya sinodi yakozwe twitegura Yubile y'ubukristu haba mu Rwanda no ku isi muri rusange,ni uguha umwanya abalayiki muri Kiliziya.Byagiye bigaragara ko abalayiki twitazaga ibya Kiliziya tukayibonera kure,ugasanga twumva ko Kiliziya ari iy' abapadiri n'abihayimana gusa.Nyamara ibihe bibi twanyuzemo,abapadiri bakabura mu maparuwasi atandukanye,byatumye abalayiki bamwe bakanguka, babona ko batareka byose bipfapfana ngo ni uko nta bapadiri bahari.Byateye rero bamwe guhagurukana ingoga,basubiza ibintu mu buryo ku buryo abapadiri bagiye bahagaruka bagasanga hari byinshi byagezweho.
Ni muri urwo rwego rero Padiri Emmanuel yatekereje gahunda yo guhugura abalayiki bahagarariye abandi kugira ngo ibyo bavomye bijye mu miryango remezo kandi biyongerere ingufu.Twakwibutsa ko icyiciro gihugurwa kiba kigizwe n'abantu 40 baturutse mu mpande zose za paruwasi,batoranyijwe n'inama n'imiryango remezo bakomokamo,amahugurwa yarangira bagasubira mu butumwa aho baje baturutse.Ni ukuvuga rero ko nyuma y'ibyiciro bibiri,hamaze guhugurwa abantu 80.Harateganywa n'irindi tsinda ku buryo nyuma yo guhugura abantu 120, buri nama nibura izaba ifite abakangurambaga batatu, kandi nabo bashobora guhugura abandi babunganira.

IYO GAHUNDA ITEYE ITE?

Gahunda irangiye ni iy'icyiciro cya kabiri kuko aba mbere barangije umwaka ushize muri kamena.Abarangije ubungubu, twatangiye muri nzeli 2007 turangije mu ntangiriro za Nyakanga 2008.Biteye ku buryo twiga amezi atandatu ariko twiga iminsi ine mu cyumweru kandi turara kugira ngo dukurikirane amasomo nta kitubangamira.
Amasomo twiga rero akubiye mu bice bitatu by'ingenzi:
1.Kwimenya kugira ngo turusheho kwiyakira uko turi no kubanira neza abandi.
2.Kumenya Kiliziya n'ibyo yigisha kugira ngo birusheho kudutagatifuza.
3.Kumenya sosiyete kugira ngo tumenye amategeko Igihugu kigenderaho tuyakurikize tuyazi.

1.KWIMENYA: Abenshi ntitwari tuzi ko kuba UMUBIRI wacu ari ingoro ya Roho Mutagatifu,tutagomba kuwufata uko tubonye,ahubwo tugomba kuwurinda ibyonnyi by'imbaraga n'ibyawuhungabanya byose, nk'umunaniro ukabije, ivutu n'ubusinzi,isuku nke n'ibindi…bikaba isoko y'indwara zitandukanye.
Ntitwari tuzi ko umuntu ashobora kubungabunga amarangaMUTIMA ye,bityo uburakari, agahinda n'ubwoba aho kumusenya,bikaba byaturukamo imbaraga zimwubaka.

Abenshi ntitwari tuzi ko UBWENGE burema icyo dutekereje n'icyo dukeneye,bityo ntitubone ko imibereho mibi dufite natwe tuyigiramo uruhare,bikaba byaratumye dufata ingamba zatuma tugira n'uruhare rwo kuyihindura tugorora imitekerereze yacu kandi tuzi neza ko tugomba kubigeraho.

Abenshi ntitwari dusobanukiwe neza ko ROHO yacu ari ikimenyetso ndakuka cy'ubumwe n'ubunywanyi dufitanye n'Imana,ibyo bigatuma duhihibikanywa na byinshi bitari ingenzi,kandi

twagombye guharanira Ingoma y'Imana gusa (kuba intungane nka Data uri mu ijuru) ibindi tukabigerekerwaho.(Mt 6,33)

2.KUMENYA KILIZIYA: Twarushijeho kumva ubutore bwacu dukesha Uwadutagatifuje muri Batisimu, n'ubutumwa dufite muri Kiliziya,kandi twiboneye neza ko uwabatijwe wese agomba guhora ari urugingo ruzima rwa Kristu muri Kiliziya ye, kandi agahora yumvira Roho Mutagatifu n'abayobozi bayo, bo bari mu mwanya w'intumwa.

3.KUMENYA SOSIYETE: Twarushijeho kubona agaciro ko kumenya amategeko igihugu kigenderaho, kuko utayazi atamenya aho ahera ngo atange umuganda mu kubaka igihugu cye, nk'umunyagihugu ugikunze kandi ushaka ko gitera imbere.

Nta warondora ibyiza byose twungukiyemo bwakwira bugacya, twashakaga gusa gusangiza abasomyi b'ikinyamakuru cyacu Umusemburo w'ubusabane ibyiza twungutse nk'abakangurambaga biteguye gufasha bagenzi babo kurushaho guhugukira ubutumwa bahamagariwe, tugera ikirenge mu cya Kristu we wadutoye atuvana mu mwijima akatujyana mu rumuri rwe rw'agatangaza.

Turashimira na Padiri wabitekereje kandi akaba akomeje gahunda yo gukomeza guhugura n'abandi imiryango remezo izamutoranyiriza. Abo bose bagakomeza gufatanya n'abakuru b'imiryango remezo, ab'inama, ab'amasantarari, gushyira imbaraga hamwe mu gukomeza kubaka ubumwe bw'abemera muri paruwasi.
Twizeye tudashidikanya ko bizadufasha kwesa umuhigo wa sinodi wo kuba abalayiki bazi icyo bamaze muri Kiliziya.

"Ahubwo ngiyo imihigo idakuka, turi abakristu turi abavandimwe,…iwacu mu muryango- remezo ni ho bisangwa" (Indirimbo ya Sinodi).

Claudine MUHAYIMPUNDU
na Yozefu NIBYOBYIZA
Bamwe mu bakangurambaga
babihuguriwe ku Muhororo.

Amajyambere muri byose afite umuvuduko ushimishije. « Ngwino urebe » ni intego ya Pénélope KANTARAMA n'abo abereye ku isonga, mu Ntara y'Iburengerazuba. Tugendeye kuri iyi ntego kandi tugashishoza, byatuma tubona neza ibimaze gukorwa, tukagira icyerekezo cy'iterambere rishinze imizi, vision 2020 ikazaza ari inyongera, kuko yagera ibiteganyijwe barabirenze.

Muri iki gihe, hari ingo nyinshi zimaze kwakira inka zagabiwe n'Umubyeyi umenya icyo abo mu rugo rwe bifuza, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, utanga ku buntu nta buhake nka kera. Intego kandi ni ya yindi, yo kuzamura abanyarwanda muri rusange, buri muryango ukaba wizigiye inka ukesha uwo batangiye kwirahira igihe bataramye ; hose bakaba babyina intsinzi ikaba ari Girinka Munyarwanda aho uri hose.

Gahunda y'ubudehe se ibikorwa byayo ko bitabarika !!! Baratanga ubuhamya hirya hino !!! Ariko uzi guhabwa imari nta kugoka, ngo aha urabazwa ingwate nko muri Banki !!! Ugakora ukaryoha ugahimbarwa nk'aho wasezeranye n'uwayitanze !!! Ibikorwa rusange byo sinabivuga ; hari amashuri n'amashanyarazi ; hari imihanda n'amaterasi ; hari amashyirahamwe agoboka abantu mu kubaguriza bitabagoye n'ibindi ntavuze musanzwe mubona.

Ubutaka bwitaweho mu kububyaza umusaruro ; udusozi Ndatwa dufite intego nziza cyane. Impinduramatwara mu bukungu yageze hose, njye nishimiye inganda zigiye kubakwa no mu cyaro. Kandi abareba kure n'ubushomeri buzacika.

Iterambere rimaze kugerwaho harimo n'ikoranabuhanga mu itumanaho. Aho bukera buri muturage wo mu Rwanda araba afite telefoni, kuko mbona bitazategereza 2020. None se hari Akarere katitaye kuri icyo gikorwa ? Hari Akarere katagurije abaturage telefoni ? Ahenshi barazifashe kandi bishyura buri kwezi. Umugore ahamagara Bwana we hari ikibuze; Umugabo nawe ati: ntunkingirane ubu ndi hafi. Ikibazo bamwe bafite nacyo kiri mu nzira zo gukemuka; erega nta kindi ni reseau bavuga itaba hose, ngo buri wese avugire aho ari! Ikibazo kiri mu nzira zo gukemuka kuko iminara iri kubakwa hirya hino. Iterambere rero ryageze kuri bose, n'utarabona icyo yifuza azakigeraho mu minsi ibarika bitari cyera. Aha hose n'abakristu barahaganje, ibikorwa byabo Imana ibisenderezaho imigisha, aho bahinga n'aho bororera hakabahira, umusaruro ukiyongera; ibyo bigatuma batadohoka no mu kuyisenga.

UMUNARA URUZUYE I KARUVARIYO MURI CRETE CONGO-NIL.

Abasanzwe batemberera aho Crête ntibazongera kuhabura reseau, kuko MTN RWANDA CELL ihujuje Umunara muremure kandi mwiza cyane, ukaba uri iruhande rw'ishusho y'Umubyeyi Bikira Mariya. Aho hantu hatoranyijwe kuva na kera, Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI, yahabatije Karuvariyo hitwaga mu Kirarama, hashyirwa Inzira y'Umusaraba abantu benshi baza bagana, none hageze n'umunara wa telefoni.

Uwo munara ariko ntukagushe abahayobotse cyangwa ngo uburanga bwaho buyoyoke, isengesho ryahavugirwaga ricecekeshwe, cyangwa se uko bahagenda bacike intege.

Hakwiye ikiboneye impande zombi, ari MTN RWANDA CELL na Paruwasi CRETE CONGO-NIL, kuko nta bwumvikane haba ibitekerezo binyuranye.

Bamwe mu bakristu baravuga bati: Karuvariyo iravogewe, kuko yaterewe hejuru izuba riva !!! Abandi bati: mu gihe umukristu yaje kwifatanya na Yezu, isengesho risoza rizavugirwa he, ko urusaku rwa moteri rubazibya amatwi, n'abikiriza bakaba badashobora kumva intero?

Nyamara bose bose babyumvise kimwe kandi bakumvikana neza, abakristu banyurwa na bike, kuko baba basanganywe n'urukundo, isengesho ryabo barikomeza kandi bakabona na ya reseau itaba hose, bityo na MTN RWANDA CELL ikaba igeze kuri ya ntego yatekereje.

Njye mbona umuti waboneka impande zombi zicaranye ziganira; dore ko burya nta kibazo cyaburirwa igisubizo, n'iyo byasaba amafranga, MTN RWANDA CELL se yayabura ? None se igihe ntikizaba gito mu gutegura, iminsi isigaye ko tuyibarira ku mitwe y'intoki? Ko umunsi mukuru wegereje! Ni Assomption mwese muzi, tariki ya 15 z'ukwezi kwa munani, ubwo tuzizihiza ijyanwa mu ijuru ry'Umubyeyi Bikira Mariya, abenshi bizihiriza i Crête Congo-Nil, si n'Abagatolika gusa bakunda uwo Mubyeyi kurusha abandi kandi bamwiyambaza, kuko hari

n’abandi bose bamutinya, kubera agaciro afite n’ikamba yambitswe n’Uwaducunguye ku Musaraba Yezu Kristu Umukiza wacu, baba bahari baje kwifatanya n’abandi, bakahabyinira kandi bakishima, bakamwiragiza kandi akabiyereka; bagahiga imihigo kandi bakahakura n’isezerano.

Mboneyeho kwibutsa mwese kwitegura rwa rugendo musanzwe mukorera i Crête Congo-Nil, mufite intego yo kwizihiza ibirori by’Umubyeyi w’Abakene Bikira Mariya, kuko muzibuka amasezerano mufitanye nawe; muharonkere imbaraga nyinshi kuko muzahahurira na Yezu kuri Karuvariyo nababwiye; muzaharonkera ingabire nyinshi, kandi imigisha idasanzwe irabategereje.

Jacques NTARUVUGIRO
Paroisse Crête C.Nil.

Igikorwa cy'urukundo cyabaye tariki ya 07 Kamena 2008 kibera ku kigo Nderabuzima cya Nyundo. Cyitabiriwe n'abanyamutima baba mu bigo by'amashuri bitatu : Ecole d'Arts, Petit Séminaire St Pie X na GSNDA(Lycée de Nyundo). Hiyongeyeho na Collège St Wenceslas APEFOC Kanama, aho umuryango uvutse vuba. Twese hamwe twari abanyeshuri 60.

Igikorwa cyatangiye saa yine, abanyeshuri b'abanyamutima baje bitwaje ibikoresho bikoreshwa mu isuku : amasuka, imikoropesho, imyeyo, indobo. Bose bahuriye hamwe batangira gukora isuku, bakoropa ahantu hose hari ngombwa ko hakoropwa ari nako boza ibirahure n'amadirishya. Baharuye imbuga, bakorera n'indabo zigana ku irembo. Bagerageje gusibura ahantu amazi yarekaga akanga kugenda mu mugende ubwo bakoropaga, kuko nyuma byagombaga gutera imibu yatera Maraliya.

Igikorwa cyarangiye saa saba n'igice maze bahurira hagati mu kibuga bahavugira amasengesho asingiza, ashima Nyagasani wabafashije muri icyo gikorwa n'amasengesho asabira abarwayi.

Barangije bavuga kubyateza imbere umuryango harimo guhindura imyitwarire turebera kuri Yezu.
Intego yari « uguhindura imyitwarire no guhindura abandi tukababera urumuri ».

Aimé HABIMANA
President wa Coordination
ya Nyundo

UMURINZI WA PARUWASI KIBUYE.

Paruwasi KIBUYE, ku wa 29.06.2008

Igitekerezo cyo kwizihiza umunsi wa Petero Mutagatifu Intumwa, umunsi wa Paruwasi Kibuye, cyatekerejwe kandi gishyirwa mu bikorwa na Padiri MURASANDONYI Gaudensi, Padiri Mukuru wa Paruwasi Kibuye hamwe na Padiri NTIRANDEKURA Gilbert,Vicaire. Uwo munsi wizihizwa bwa mbere kuri uyu wa 29.06.2008 muri Paruwasi Kibuye kuva yashingwa muri 1961.

Umunsi watangiye gutegurwa kuva mu kwezi kwa 03/2008 hanyuma wizihizwa ku itariki ya 29.06.2008. Wari ugizwe n'ibice bitatu bikurikira :

a) Igitambo cya Missa ; b) Ibirori , c) Kwakira abashyitsi no kwiyakira.

Ari igitambo cya Missa, ari ibirori, ari ukwakira abashyitsi no kwiyakira, byose byabereye ku kibuga hafi y'ikiyaga cya Kivu imbere y'amazu CARITAS yahoze ikoreramo.

Habimbuye igitambo cya Missa yabanjirijwe saa tatu (9h) n'umutambagiro wakozwe ku hantu hari nka metero zirenga ijana. Ukorwa n'abakristu 54 bari bizihije Yubile y'imyaka 25 na 50 bamwe bari bamaze babatijwe, abandi bashyingiwe. Abo bari bakoze Yubile bakurikiwe n'abahereza hanyuma Abasaserdoti Padiri Mukuru Gaudens na Padiri Gilbert ari nabo batuye igitambo cy'Ukarisitiya, baje bakurikiyeho. Byari byiza cyane.

Abakristu baturutse mu ma santarari 3 agize Paruwasi Kibuye ariyo: Santarari Kibuye, Santarari Ruragwe, Santarari Gitesi ndetse n'abo mu nkambi y'impunzi z'abanyekongo ya Kiziba, bose hamwe bageraga kuri 2.500 bakereye guhimbaza uwo munsi.

Uretse abakristu gatolika ba Paruwasi ya Kibuye, hari n'abo mu yandi matorero cyane cyane abakuru bayo paruwasi yari yatumiye. Abo twavuga ni Pasteur Umukuru w'Itorero ADEPR Ururembo rwa Kibuye n'uwari uhagarariye Pasteur Mukuru wa Paruwasi E.P.R Kibuye. Si abongabo gusa Paruwasi yari yatumiye ariko nibo bashoboye kuboneka.

Ubuyobozi ku rwego rw'Akarere n'Umurenge bwari bwatumiwe bwahagarariwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwishyura. Hari hatumiwe n'abandi bayobozi mu nzego zinyuranye nk'izumutekano, iz'ibigo by'amashuri yisumbuye, iz'ibigo by'abihaye Imana, iz'ibigo bya Leta nka ORINFOR n'abandi.

Missa yaririmbwe na Chorales 4, Chorale St Pierre Urumuri ari nayo Chorale nkuru ya Paruwasi, Chorale Himbazimana ya Charismatique, Chorale ya sentrali Gitesi na Chorale yo mu nkambi ya Kiziba. Chorales zose zaririmbiye neza Nyagasani.

Mu nyigisho y'Umusaserdoti mu gitambo cya Missa, Padiri Mukuru Gaudens yavuze mu magambo arambuye muri rusange ku kuntu Kiliziya ya Yezu yatangiye, avuga ku butorwe bw'Intumwa Petero na Paulo inkingi za Kiliziya, avuga n'ukuntu inkuru nziza ya Yezu yogejwe kuva ku gihe cy'intumwa kugeza aya magingo.

Ku butorwe bw'Intumwa Petero na Paulo, Padiri Mukuru yagize icyo azivugaho:

* Kuri Petero, yavuze ko Petero Intumwa ari uwa mbere mu ntumwa akaba n'uwa mbere mu ba Papa. Yavuze ko Petero yavukiye i Bethsaïda ho muri Palestina ahagana mu mwaka wa 10 mbere ya Yezu Kristu yicirwa i Roma ahowe Yezu ku ngoma y'Umwami Neron muri 64. Padiri Mukuru yavuze ko Petero washinzwe ubuyobozi bwa Kiliziya, Yezu yamutoye mu bantu baciye bugufi, basanzwe babeshejweho n'imirimo yoroheje y'uburobyi. Petero yari umurobyi ariko Yezu yaramugize Umutware wa Kiliziya, amuha n'imfunguzo z'ijuru amugira atyo umushumba w'intama ze. Petero yigishije Ivanjiri ya Yezu muri Yudeya, muri Galileya, muri Aziya n'i Roma. Yishwe abambwe acuritse.
* Kuri Paulo, Padiri yavuze ko yavukiye i Tarisi ho muri Turukiya muri Aziya ahagana mu mwaka wa 5 nyuma ya Yezu Kristu. Yari yarize birambuye ibyerekeye Iyobokamana ry'Abayahudi; yapfiriye Yezu i Roma aciwe umutwe muri 67. Mbere yo kwitwa Paulo yahoze yitwa Sawuli watoteje abakristu, abandi akabicisha abajijije kwemera Yezu, ariko kubera ko kuva kera Imana yari yariyemeje kumwiyegereza no kumuhishurira Yezu uwo ariwe, Yezu ubwe yaramubonekeye ari mu nzira agana i Damasi agiye kwica, gufata no gufunga abakristu baho. Amaze kubonekerwa

na Yezu, Sawuli ariwe wabaye Paulo, yarahindutse aba umuhamya n'intumwa ikomeye ya Yezu, agenda ahantu henshi yamamaza inkuru nziza. Aho hose yagendaga yigisha ijambo ry'Imana ntiyari yorohewe kuko bamufataga bakamucecekesha, ubundi bakamukubita, ubundi bakamutera amabuye ndetse bakanamufunga ariko akabatoroka, ariko hari aho byageze kubatoroka ntibyaba bigishobotse, bamucira urwo gupfa yicwa aciwe umutwe i Roma muri 67.

Amaze kuvuga kuri izo ntumwa Petero na Paulo, Padiri Mukuru yavuze ko Imana itoranya idahereye ku gitinyiro, igihagararo, amashuri, ubukungu n'ibindi, ko ihitamo uko ishaka, akaba ari uko nguko Petero na Paulo batowe kuba inkingi za Kiliziya.

Ashingiye ku kuntu mu gihe cy'ibabazwa rya Yezu, Petero yamwihakanye gatatu ko atamuzi,Padiri Mukuru yavuze ko Imana ari inyambabazi, igirira impuhwe abiyoroshya bicujije bakayigarukira kabone n'iyo baba bakoze amakosa akomeye, iyo bayicujije Imana ikomeza kubabona nk'abana bayo ndetse ikanabashinga ubutumwa bukomeye muri Kiliziya yayo.

Petero na Paulo ni urugero.Petero yihakanye Yezu ariko nyuma yo kwicuza icyaha cye, Yezu yaramubabariye ahita anamushinga umurimo wo kuragira intama ze. Paulo yatoteje Yezu igihe yicaga abakristu ariko yaje kwicuza Yezu aramubabarira ahita amushinga umurimo wo kwamamaza ijambo rye mu mahanga yose, ijambo Paulo yazizaga abakristu nawe akaza kurizizwa.

Nyuma y'inyigisho ya Padiri Mukuru, Missa yarakomeje maze mu gihe cyo gutura, habanza abari bakoze Yubile. Batuye ibyo bari bazanye mu duseke twiza. Bakurikiranye bitonze ku mirongo 2, buri wese ahereza ituro rye yageneye Nyagasani kuri uwo munsi.

Nyuma y'abo, hakurikiyeho andi maturo nayo yari yateguwe guturwa Nyagasani. Ayo maturo ni :

- Indabo zishushanya ikimenyetso cy'urukundo
- Ibiribwa (imyumbati, igitoki, amateke…) abantu bafungura bashimira Imana
- Amagi yibutsa ukuntu Imana yakunze muntu kugeza n'aho yabonye ko akeneye n'ibikomoka ku matungo yiremeye.
- Amafi yibutsa ko Yezu yitoreye Petero ari umurobyi w'amafi akamubwira kumukurikira kuva icyo gihe akamugira umurobyi w'abantu.
-Imbuto ku meza ziherekeza ibindi biribwa byose bikaba byibutsa ko urukundo Imana ikunda umuntu ari intagereranywa.
-Ifoto ya St Pierre na Paul, intore Yezu yagize inkoni ye y'ubushumba ayoboresha ubushyo bwe abwerekeza mu rwuri rutoshye arirwo Kiliziya ntagatifu.
-Bougies zitanga urumuri rutwibutsa ko tutazagenda mu mwijima kuko dufite urumuri nyarumuri Yezu Kristu.
-Bibiliya Ntagatifu itwibutsa ukuntu Imana yakunze abantu ikabagenera ijambo ryayo ngo rijye ribayobora kandi ribamurikire mu buzima.
-Inkota itwibutsa ko ijambo ry'Imana ari nk'inkota ityaye y'amugi 2 ryahuranya imitima ry'abo rigejejweho kandi rikaberamo imbuto. Ni naryo Yezu Kristu yashyize muri Mutagatifu Paulo intumwa ngo arikwize ku isi yose.
-Imfunguzo zitwibutsa ukuntu Yezu Kristu yihitiyemo Mutagatifu Petero Intumwa akamuha imfunguzo z'ijuru.
-Urutare rw'ibuye rutwibutsa ukuntu Yezu Kristu yitoreye Petero Intumwa amubwira ko Kiliziya ye agiye kumushinga itazigera ihungabanywa bibaho, aribwo yamubwiraga ati : Petero uri urutare nzubakaho Kiliziya yanjye.
-Hostiya na Divayi bitwibutsa ko impuhwe z'Imana zitagereranywa.

Nyuma yo gutura, igitambo cya Missa cyarakomeje uko bisanzwe gisozwa no gukorera ibimenyetso bitagatifu ku bari bakoze Yubile hamwe no kubaha impano zari zigizwe n'amashapure, amashusho y'urugo rutagatifu rw'i Nazareti n'amashusho ya Yezu Nyirimpuhwe. Ibyo byaherutswe n'umugisha wahawe abari aho bose.

Igice cya 2 cyari icy'ibirori byabisikanaga n'amagambo yari yateguriwe uwo munsi.

Habanje ijambo ry'ikaze rya Perezida wa Komite Nyobozi ya Paruwasi, mu ijambo rye,

Perezida wa Komite Nyobozi yakomeje kwifuriza abashyitsi ikaze, abashimira ko bigomwe imirimo bari bafite bakaza kwifatanya n'abakristu ba paruwasi Kibuye mu byishimo n'ibirori byo kwizihiza umunsi wa Mutagatifu Petero Intumwa, umurinzi wa Paruwasi Kibuye. Yaboneyeho kubagezaho mu magambo avunaguye ishusho ku miterere ya paruwasi ndetse anavuga muri make ku myitwarire y'umukristu ku bijyanye n'insanganyamatsiko y'umunsi yagiraga iti : «Komeza abavandimwe bawe mu kwemera ».

Ku bijyanye n'imiterere ya Paruwasi, yababwiye ko Paruwasi ya Kibuye yashinzwe muri 1961 ari nabwo yahise yitirirwa Mutagatifu Petero Intumwa ikaba ari imwe mu ma Paruwasi 21 agize Diyosezi ya Nyundo, ikaba kandi imwe mu ma paruwasi 10 agize Zone Pastorale Kibuye. Yababwiye ko Paruwasi Kibuye igizwe n'ama santarari 3 n'imiryango-remezo 52. Yababwiye ko Paruwasi Kibuye ifite abakristu bagera kuri 5.000 mu gihe mbere ya jenoside bageraga kuri 15.000.Yababwiye ko Paruwasi iyoborwa n'Abasaserdoti, ubu ifite 2 bashinzwe imirimo ya Paruwasi bafashwamo n'abandi bihaye Imana bari mu miryango inyuranye. Bafashwa kandi muri rusange n'abakristu bibumbiye mu miryango-remezo.

Ku bijyanye n'insanganyamatsiko y'uwo munsi, yavuze ko abakristu nk'abahamya ba Kristu bagomba guhora bavugurura ubukristu bwabo muri batisimu bahawe kandi bakamenya kwitwara gikristu, birinda kugwa mu mitego ya shitani igaragarira muri byinshi birimo guhemuka, kubeshya, gushyamiranya abantu n'ibindi.Yavuze ko mu bukristu harimo ibice 3 by'abakristu. Igice cya mbere ni icy'abakristu beza, bahabwa neza amasakaramentu bakazira icyaha kibateranya n'Imana. Igice cya 2 ni icy'abakristu b'ibirumirahabiri. Abo bakaba ari abahabwa amasakaramentu ariko bataretse gucumura bica amategeko amwe y'Imana n'aya Kiliziya. Igice cya 3 ni icy'abakristu babi bumva ko amasengesho n'amasakaramentu nta kamaro kabyo. Yavuze ko abakristu bisanga mu gice cya mbere, abo ngabo ni abo gukomera bagakomera ku ibanga bafitanye na Yezu, naho abisanga mu bindi bice, igihe kikaba kigeze ngo bagarukire Imana. Perezida wa Komite Nyobozi yavuze ko mu mibereho y'abantu, nta wavuga ko ari intungane,umuntu aracumura kandi gucumura ni bibi ariko gucumura bibi cyane ni ukubitwara ntiwicuze icyaha wakoze ngo uve ku izima ry'ikibi.

Yasoje asaba Petero Mutagatifu gusabira abantu kugira umutima wo kwita ku bandi cyane cyane abatishoboye bugarijwe n'ibibazo binyuranye, kugira umutima witangira amahoro n'ubutabera, umutima urangwa n'urukundo n'imbabazi, umutima ushishikariza abantu kubana kivandimwe, abantu bakabana mu bwisanzure nk'abana b'Imana, umuntu akumva agaciro k'undi akanakubaha.

Yarangije yongera gushimira abashyitsi bose batatengushye Padiri Mukuru wabatumiye, abamenyesha ko ukuza kwabo kwatumye umunsi urushaho kuba uw'ibyishimo n'imishyikirano.

Nyuma y'ijambo rya Perezida wa Komite Nyobozi, Padiri Gilbert yahise yerekana abashyitsi paruwasi yari ifite, hanyuma hakurikiraho imbyino z'abanyeshuri bo ku Kigo cy'ishuri ribanza rya Kibuye. Nyuma y'imbyino z'abo banyeshuri hakurikiyeho ijambo ry'uwari ahagarariye Umuyobozi w'Itorero E.P.R Kibuye.

Mu ijambo rye, Muremyangango Malachie wari ahagarariye Pasteur Mukuru wa Paruwasi E.P.R Kibuye, yabanje gushimira Paruwasi Gatolika Kibuye ku butumire yaboherereje. Yashimiye Padiri Mukuru amagambo y'urukundo yagejeje ku bakristu mu nyigisho yatanze. Yasabye abakristu kubizirikanaho no kubitahana. Yasoje avuga ko Imana ihitamo intumwa mu bo ishaka bo mu ngeri zose. Yavuze ko Paulo yari umuntu wize cyane naho Petero akaba yari umurobyi, nyamara bose yabashinze imirimo imwe mu itorero ryayo. Nyuma y'ijambo ry'uwari ahagarariye Pasteur wa Paruwasi E.P.R Kibuye, hakurikiyeho imbyino z'itorero rya Santarali Gitesi n'imbyino z'abo mu nkambi ya Kiziba.

Nyuma y'izo mbyino, umwe mu bakoze Yubile, Twagirayezu André, yavuze ijambo mu mwanya wa bagenzi be. Yavuze ko hari hashize igihe kirekire batizihiza Yubile muri paruwasi Kibuye bitewe n'amarorerwa ya jenoside. Ati : nyuma y'icyo gihe kirekire Yubile ya batisimu no gushyingirwa yongeye kubyutswa. Yavuze ko ibyo ari ibyishimo bivanze n'ibirori bikomeye bakesha Abasaserdoti ba Paruwasi ya Kibuye.

Yasabye ko abakoze Yubile bose bakomeza gusabirwa kugira ngo bakomeze bakomere mu bukristu, by'umwihariko abakoze Yubile y'imyaka bamaze bashyingiwe bagasabirwa kugira ngo ingo zabo zizabe nk'urugo rutagatifu rw'i Nazareti.

Nyuma y'ijambo ry'umwe mu bakoze Yubile, hakurikiyeho umuvugo « Komeza abawe » wa Mukarusengo Jeannette wavugaga ku butorwe, ubutumwa n'ubutwari bya Petero Mutagatifu intumwa, ku murava no kwitanga kw'Abasaserdoti Gaudens, Gilbert na Gérard badahwema kugaragariza abakristu ba paruwasi Kibuye. Hanavugwa kandi ku mvune Muzehe Padiri Modeste Gasigwa yagize mu rwego rwo kuzanzamura Paruwasi nyuma ya jenoside.

Nyuma y'umuvugo w'umusizi Jeannette, hakurikiyeho ijambo ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwishyura, Bwana Gashanana Saiba. Yashimiye Padiri Mukuru ku butumire Paruwasi yamwohererereje, avuga ko igihe cyose abayobozi ba paruwasi bazajya bamutumira azajya yitabira ubutumire bwabo.

Yabajije ibanga abanyamadini bakoresha kugira ngo abakristu bitabire amateraniro ari benshi. Yavuze ko abaturage, abayoboke b'amadini anyuranye batajya bitabira ku bwinshi inama z'abayobozi nk'uko biboneka ku minsi yo gusenga. Yasabye Abapadiri ko mu nyigisho batanga bajya bakangurira abakristu kwitabira gahunda za Leta. Yasabye kandi ko haba ubufatanye hagati y'abanyamadini na Leta mu bijyanye no kujijura abaturage nko kubakangurira kujya muri mutuelle de santé, kubakangurira kugira isuku, kubakangurira kuringaniza imbyaro, kubakangurira kwirinda indwara zirimo iz'ibyorezo nka Sida, kubakangurira kugira gahunda yo gukora, kubakangurira kumenya uko ejo hazaza hazaba hameze, kubakangurira muri rusange ku iterambere muri byose kuko mu buzima umuntu atabeshwaho no gusenga gusa.

Nyuma y'ijambo ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwishyura, hakurikiyeho imbyino z'itorero rya santarali Kibuye, hanyuma Padiri Mukuru avuga ijambo risoza.

Padiri Mukuru yatangiye ijambo rye amenyesha abari aho impamvu Padiri Modeste Gasigwa ataje kwifatanya n'abakristu ba paruwasi yayoboye imyaka 7 kuva muri 1995. Yababwiye ko Padiri Modeste yari yagiye gushyingura Musenyeri Léonard Rubumbira witabye Imana. Yakomeje ashimira Imana ibitangaza ikomeje kugaragariza Paruwasi ya Kibuye kuko ihimbazwa ry'umunsi mukuru w'intumwa Petero na Paulo muri paruwasi rije rikurikira umunsi mukuru w'isozwa ry'icyumweru cy'uburezi muri Zone Pastorale Kibuye. Umunsi wabereye muri Paruwasi Kibuye nyirizina tariki ya 22.06.2008 ukizihizwa n'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Myr Alexis Habiyambere.

Yaboneyeho kwibutsa ingingo 3 zari mu nyigisho y'Umwepiskopi arizo : ukwemera, ubumenyi n'umuco. Yavuze ko ibyo bintu ari ingenzi mu mibereho y'umuntu ariko umuntu ufite ubumenyi n'umuco bitarimo ukwemera aba abuze ikintu cy'ingenzi gikomeye.Padiri Mukuru yavuze ko jenoside yahitanye abantu muri 1994 itasize n'abakristu bo muri Paruwasi ya Kibuye aho ubu bagera kuri 5.000 mu gihe mbere ya jenoside bageraga kuri 15.000. Yavuze ko n'ubwo abakristu bahungabanyijwe cyane n'ayo mahano, ubungubu ubuzima buragenda bugaruka ku buryo bugaragara.

Mu gusubiza bimwe mu byo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yari yavuze, Padiri Mukuru yavuze ko abakristu nta gahato cyangwa se ikiboko bashyirwaho kugira ngo bitabire amakoraniro y'amasengesho. Yavuze ko Imana ubwayo ariyo ibahamagara. Yamenyesheje Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ko abakristu ba Paruwasi ya Kibuye bitabira gahunda za Leta. Nko ku bijyanye na mutuelle de santé, yavuze ko abakristu bose bayirimo. Padiri Mukuru yahise abaza abakristu ko haba hari abatari mu bwisungane mu kwivuza, mu mbaga y'abantu bari aho, habonetse umuntu umwe gusa utari muri mutuelle de santé.

Padiri Mukuru yongeye kwizeza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ubufatanye mu gukangurira abakristu kujya bitabira gahunda za Leta, gusa ngo ibintu byo kubyara abana batatu ni ibyo kwitonderwa bigatekerezwaho ; umubare uyu n'uyu w'abana umuntu ashobora kubyara ntube ihame, ahubwo inyigisho zikaba izo gukangurira abaturage kubyara abana bashobora kurera, gukuza no guteganyiriza. Yavuze ko atari byiza kureba gusa ingaruka z'ikibazo ku ruhande rumwe.

Padiri Mukuru yakomeje avuga ko kugira ngo abantu bashobore kwiteza imbere ari nako bateza Igihugu imbere, bagomba gushyira hamwe bagakora bafatanye urunana ntawe ureba isura y'undi. Yasabye abakristu kurandura ikibi aho kiva kikagera, abasaba gushyira hamwe nk'uko intumwa zabigenzaga. Yabasabye kurangwa n'ukuri byaba ngombwa abantu bagapfira abandi aho guhemuka. Yabasabye gukomera ku muheto w'urukundo, arangiza ashimira muri rusange abantu bose bitabiriye uwo munsi mukuru. By'umwihariko abagize uruhare mu kuwutegura.

Nyuma y'ijambo rya Padiri Mukuru wa paruwasi, abakristu bose barahagurutse bafatana ibiganza baririmba magnificat. Dusingize Imana, yaduhaye ibyiza, iduha ubugingo bw'iteka. Igice cya 3 cy'umunsi cyari icyo kwakira abashyitsi no kwiyakira.

Umunsi mukuru wa Mutagatifu Petero Intumwa, Umurinzi wa Paruwasi Kibuye, wasojwe no gusangira ibyo abakristu bari bateguye byarimo ibinyobwa binyuranye n'icyo kurya.

Abashyitsi bakiriwe hamwe n'abasangwa bagize icyo batanga kugira ngo gusangira bishobore kugerwaho, bose hamwe bari magana inani na mirongo itanu (850) kandi buri wese yatashye anezerewe, yishimye .

BANYAGA Ignace
Perezida wa Komite Nyobozi
Paruwasi Kibuye.

Kuva aho Santarali ya Kavumu ikuwe kuri Paruwasi ya Murunda, igashyirwa kuri paruwasi ya Biruyi, urubyiruko rwayo ntirwatanzwe kumenyana n'abavandimwe babo. Rwatangiye umubano ushingiye ku gusurana, kungurana ibitekerezo no kumenyana hagati y'Amakorari n'Imiryango y'Agisiyo Gatolika ; mu rwego rwo guhamya ubuvandimwe nyabwo. Ni muri urwo rwego rutarekeye aho, ahubwo rwatangiye n'umubano n'urwa Paruwasi ya Gisovu.

Iyi paruwasi imaze umwaka umwe ishinzwe, yaje gutumwamo Padiri Dismas Ntamushobora, wari ushinzwe urubyiruko rwa paruwasi Biruyi hagati y'umwaka wa 2006-2007. Abo yasize i Kavumu bifuje kumusura, kumenya aho yagiye no gusura abo yasanze. Ubwo kuva tariki ya 02/02/2008 kugera tariki ya 04/02/2008 baramusuye. Bagiye ari abana bato, abasore n'inkumi ; bagenda urugendo rw'amaguru rusaga km70 mu minsi ibiri. Bamwe muri bo barwariyeyo,kubera umutingito wo ku itariki ya 03/02/2008, ariko ntibacika intege. Bagarukanye imbaraga maze batangira no gutegura uko bazakira abo bavandimwe babemereye nabo kuzabasura.

Nk'uko « ifuni ibagara ubucuti ari akarenge », nabo baje iwacu kudusangiza ku byo Nyagasani yabahaye. Nuko nyuma yo kuva gushimira Umubyeyi Bikira Mariya i Congo-Nil tariki ya 15/08/2008, bakomereje urugendo rwabo i Kavumu kugeza tariki ya 17/08/2008. Intero yabo yari imwe bati : « Dukundane nk'uko Kristu yadukunze ». Uko baje ari mirongo ine (abize n'abatarize), bahagarariye abandi, ntibari bonyine ; bari baherekejwe na Padiri Dismas, Fratri Straton Nshimyumuremyi uruhukiye muri iyo paruwasi, Fratri Faustin Habimana na Charles Ntihemuka, bombi bahavuka.

Mu mugoroba w'itariki ya 15 Kanama 2008 ku Kavumu, nyuma y'urugendo rurerure (Gisovu-Congo-Nil-Kavumu), umunaniro mwinshi ; numva ingoma, indirimbo, umudiho, akamo k'akanyuzo… urubyiruko rw'i Gisovu na Kavumu mu bumwe.

Ibyabaye bukeye byose, byabimburiwe n'igitambo cya Missa cyatangiye i saa moya, cyiyoborwa na Padiri Dismas Ntamushobora.

TWESE TWARAHUGUWE

Nyuma yo kwakira abashyitsi no kumenyana twese, hakurikiyeho ibiganiro.
Mu kiganiro cya mbere cyatanzwe na Padiri Dismas, yadushishikarije kugira umuco nk'uwaranze Umubyeyi Bikira Mariya hano ku isi, tumwigana mu migenzereze ye yose.

Nanjye reka mbibarize : ni nde wiganye uwo Mubyeyi, akamwiyambaza, maze akabura ubuvunyi bwe ?

Ikiganiro cya kabiri cyatanzwe na Fideli Basebanya. Yagarutse ku nkomoko y'umuryango wa Emmaüs, agaruka no kuri iri jambo ati : « utazi umuntu amubara amubonye ». Ese bariya bigishwa babiri ba Yezu ntacyo bahindutseho bakimara kumenya ko ari muzima ?

Ikiganiro cya gatatu cyatanzwe na Fratri Straton Nshimyumuremyi. Yagize ati : «Muri umunyu w'isi… »(Mt5,13-16). Arongera ati : « Nk'urubyiruko, kugira ngo tumurikire abandi, tugomba kugira urumuri muri twe, cyane cyane urukundo nyarwo, ari rwo rwa kivandimwe. Yezu Kristu natubere urumuri n'ibyishimo by'igihe cyose ; maze natwe tumurikire abandi.

Ese ko i saa sita yari igeze, aba bantu bose bari aho bagaburiwe iki ? Nyamara ubwitange bw'abakirisitu ba Kavumu ntiburangira. Namwe muzibarize cyangwa muzaze mwirebere ; ntawigeze asonza pe !

Ikiganiro cya kane cyatanzwe na muganga Thomas Ntakuvugwaneza, umukuru w'ikigo nderabuzima cya Cyimbiri. We yavuze ku bice bigize umuntu (umubiri na roho), maze ahera aho avuga k'ubuzima bw'umubiri. Yibanze ku cyorezo cya « SIDA », virusi iyitera no kuyirinda. Nyuma yatugaragarije neza ko ubukristu bwagombye kutubera inkingi idufasha kurwanya no kwirinda icyo cyorezo. Yongeye kwibutsa ko imibiri yacu ari ingoro ya Roho Mutagatifu, ko idakwiye kugabizwa SIDA.

Wari uzi ko uyu mubano utagumye hagati ya Gisovu na Kavumu gusa ? Nyuma y'ibiganiro twaratembereye kugera ubwo ababishoboye bagiye kwerekana n'iwabo, ababyeyi n'abavandimwe,

maze ubwo umubano ugera no mu ngo. Njye ntegereje ibizakurikira uru rugwiro niboneye ! Ubu se hari uwabura icumbi bumwiriyeho ari ku rugendo ?

Bumaze kwira ntitwishinze umunaniro, ahubwo twataramiye Imana. Ni n'aho Fratri J.Paul Hagumineza, ukora stage muri paruwasi ya Biruyi, yaduhaye ikiganiro kuri Pawulo Mutagatifu, maze adusaba ko uyu mwaka we, wazarangira twese twarahindutse nkawe. Nk'uko yahindutse ari mu nzira ajya i Damasi, guhinduka birashoboka, natwe nitwemerere Kristu adukoreshe ugushaka kwe.

IBYABAYE ICYO GIHE BYARATUNYUZE.

Bukeye kuwa 17/08/2008 i saa 10h00', hatangiye igitambo cya missa; cyayobowe na Padiri Dismas Ntamushobora,ari kumwe na Padiri Prosper Ntiyamira, Padiri Mukuru wa paruwasi Biruyi. Mu nyigisho ye, Padiri Dismas yagarutse k'uko twari mu banyamahanga, none ubu tukaba turi umwe muri Kristu Yezu waducunguye. Akaba ari nayo yari impamvu y'uwo munsi.

Kuva saa saba(13h00)hakurikiyeho ibirori ; byaranzwe n'imbyino, udukino tw'abana n'abakuru, ndetse n'amagambo anyuranye. Byose byabaye isomo ryiza kuri buri wese. Byabara uwabyiboneye, ariko reka mbanyuriremo bike muri byo:

*Uribuke nawe urabihamye, ingoma ya Kristu yaratsinze.
*Nubwo Shitani ijya idushuka, ntabwo izatsinda.
*Yezu araduhamagara ngo tumubere abahamya mu bantu.
*Duhuje inama, dukurikire Yezu, tugera ikirenge mu cye.
*Tambuka uze wishimye,Kiriziya ni umubyeyi.
*Nawe urukundo rurakureba.
*Tugire Roho nziza mu mubiri muzima.
*Gushimira Imana muri byose.
*Dukunde Umubyeyi wacu Bikira Mariya.
*IRONDO RY'UBUZIMA

Dore inyigisho yanyuze bose, kuva ku mwana ukagera ku musaza. Wari uzi ko wakora irondo (atari rimwe tuzi)ry'ubuzima bwawe (ku mubiri na roho) maze ukabona ihirwe! Njyewe byarantangaje! Twe dore uburyo babitubwiye :

*"Dawe uri mu ijuru" mu museso...
*"Ndakuramutsa Mariya" bukeye...
*Kwisuzuma uko ibihe bihita, mu mugoroba ugasubiza amaso inyuma, ugashimira Imana ibyiza, ibibi ukabisabira imbabazi, ejo ugakosora aho wateshutse, bityo, bityo... Nawe ubwo ni ahawe dore amahitamo yaje.

Mu magambo yandi yahavugiwe, bose bagarutse kuri uyu mugani bati: "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge".

Uhagarariye urubyiruko rwa Kavumu yagarutse ku ntangiriro y'uyu mubano no ku ruzinduko bagiriye mu Gisovu. Yavuze uko basize bashinzeyo umuryango wa Emmaüs, ashimira n'abadufashije bose gutegura uyu munsi.

Uhagarariye urubyiruko rwa Gisovu we, yavuze ko bo bifuje kumenya aho ababasuye bari baturutse; bituma nabo bahaguruka baraza. Yijeje n'abari aho ko bagiye no gutangiza undi mubano n'ayandi ma paruwasi, banoza ubuvandimwe, maze adushishikariza no kubuharanira twese. Yashoje aha mugenzi we wa Kavumu, ibahasha nk'ikimenyetso cy'umubano n'ubuvandimwe dufitanye.

Padiri Dismas Ntamushobora we, yadushishikarije gukura tugana Imana, tukavoma imbaraga mu kwemera, maze tukagera ikirenge mu cya Yezu. Asoza adusaba ko ibi byose byaba intangiriro y'umubano(jumélage) hagati ya paruwasi ya Gisovu na Kavumu.

Padiri Mukuru we, yadushimiye abashyitsi bacu, maze adushishikariza guhera aha twagura umubano n'ahandi; tukava mu bujiji, tugatera imbere mu byiza. Yongeyeho ko n'abasheshe akanguhe bakwiye gushaka uko basurana, maze ubuvandimwe bwacu ntibuzasubire inyuma. Asoza adusabira ko Nyagasani waduhaye imbaraga azidukomereza.

Nyuma y'izo mbyino n'amagambo anyuranye; umuhamirizo w'intore z'abana b'abakobwa (kuko na Gender tutayisize inyuma), byose byashojwe n'ikinimba cy'abasore, abayobozi n'abandi bose. Nyuma y'ibyo hakurikiyeho n'ubusabane, aho abantu basaga 500 bariye, baranywa, kugeza n'ubwo babisigaje.

Ni no muri ubwo busabane habereye umuhango washimishije abantu bose bari aho. Hashyikirijwe ingo nshya (zashinzwe mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2008) umuryango wa AGI(Agisiyo Gatolika y'ingo). Uwo muhango wayobowe n'ushinzwe kuyobora urubyiruko rwo ku Kavumu. Maze agahamagara umwe umwe, akamwohererereza Padiri Mukuru (ushinzwe AGI) akagenda agira ati: "Ndaje ngo unyiyoborere". Nawe akagira ati: "Nuko mwana wanjye",nyuma akamwambika ishapure. Ibyo birangiye, Padiri yasabye abo bose ko, uko baje basanga abandi bavandimwe, ari nako bagomba kuvugurura ubukristu bwabo, bakabera abandi urugero rwiza muri byose.

Ibirori byashojwe na Padiri Mukuru, yongera kudusabira umugisha w'Imana, anasabira urubyiruko kuguma mu nzira za Yezu Kristu. Bukeye tariki ya 18/08/2008, duherekeza abashyitsi barataha. Nyuma buri wese yatangajwe no kumva ngo baraye bageze iwabo n'amaguru.

Nsoza iyi nyandiko, nahamya ko uru ruzinduko rutadusigiye ubusa. Mbega inyigisho zikora ku mutima! Ese ubu nyuma y'izi mpanuro, umuntu yakongera kuba umugaragu w'icyaha na shitani? Oya ntibyari bikwiriye. Iga nawe gukora iryo rondo ry'ubuzima, maze wirebere.

Ariko se, namwe muzambwire; Yezu ntadukunda koko? Twese twagiraga tuti: "Dukundane nk'uko Yezu yadukunze". Nawe numwigana, kugera ubwo wemera no kuzira ukuri n'urukundo yatwigishije, uzigendere neza. Nzi neza ko utazakorwa n'isoni kuri wa munsi, kuko uzaba utaribeshye.

Ibyo aribyo byose, buri wese ntiyatashye ubusa, kuko twabonye igihe cyo kongera kwibaza kuri urwo rukundo n'ubuvandimwe bigomba kuturanga nk'abakristu.

Basomyi, ibi byose mbabwiye byabereye ku Kavumu. Iwanyu se mwe mubigeze he? Mushyiremo agatege, "ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo".

Urukundo rwa Yezu ruraturange aho turi hose.

MURAKOZE !

Fratri Denys NZABAHIMANA
Paruwasi ya BIRUYI.

PARUWASI MURUNDA YIBARUTSE IMPANGA Z'ABASASERDOTI

Hari ku wa gatandatu, tariki ya 12/07/2008, ubwo imbaga itabarika yari iteraniye i Murunda mu birori byo kwakira abageni bane barimo batatu kavukire ka Murunda. Abo ni :
-Padiri Justin TUYISENGE,
-Padiri Laurent SAFARI,
-Padiri Fraterne NAHIMANA (P.Mushubati) , na
-Fratri Antoine MUSABYIMANA.

Nyuma y'igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, hatanzwe ubutumwa n'impanuro bitandukanye hatabuzemo n'akadiho k'amatorero atandukanye.

Nyuma yo kwifuriza abashyitsi ndetse n'abakristu umunsi mwiza, Padiri Léonidas KAREKEZI HABARUGIRA Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Murunda, yagize ati : Dushimiye Imana ku bw'urukundo rwayo rutumye idutoramo intumwa. Ibyo byishimo kandi turazirikana ko atari ibyacu gusa, kuko no mu ijuru bishimye ko ku isi hungutswe ingabo zo gutsinda Sekibi Sekinyoma.

Izi ntore zibonetse ni abahuza b'Imana n'abantu. Biragaragara, na Musenyeri arishimye kuko Diyosezi yungutse abasaserdoti, ba bandi bunga imitima na Roho by'abantu.

Natwe abapadiri turishimye kuko uyu munsi utwibukije uko twasezeranye kuva ku mukuru kugeza ku muto. Ni ibirori rero koko, by'umwihariko ku bapadiri bavuka hano i Murunda ! Ababyeyi barishimye, abarezi barishimye, natwe twese turishimye ko twungutse impanga z'Abasaserdoti mu gihe dutangiye urugendo rwa Yubile y'imyaka ijana paruwasi yacu ya Murunda imaze.

Turabashimiye rero Musenyeri, ku bw'igikorwa cy'intagereranywa mukoze mwimika aba Basaserdoti. Turabashimiye namwe Basaserdoti bashya. Turabashyigikiye kuko rwose mwahisemo neza… Ntimugire ubwoba uwo mwizeye isi yarayitsinze.

Ndashimira abakristu mwese uko mwitanze ngo uyu munsi ubashe gutunganywa, nta mugayo kandi Kiliziya ni iyanyu si iya Padiri.

Banyakubahwa mutandukanye, nta kindi navuga uretse ibyishimo biturutse ku iyi ngabire y'Ubusaserdoti twakiye. Ku mpamvu y'ibyo byishimo, abakristu ba Paruwasi Murunda batanze inka ebyiri ku bapadiri Justin TUYISENGE na Padiri Laurent Safari.

Ijambo rya kabiri ryahawe umwe mu bapadiri bashya Padiri Justin TUYISENGE. Nawe yagize ati : « Nyakubahwa Musenyeri, banyakubahwa mu nzego zitandukanye, turishimye ku bw'ubuntu twagiriwe na Nyagasani bwo gusigwa amavuta. Twatowe turi abanyantege nke kandi dutumwe ku bakene. Ntacyo twatanze, ntacyo turusha abandi ; ni ubuntu nyine bw'Imana.

Dushimiye Musenyeri watwemereye ko dutera iyi ntambwe. Dushimiye abapadiri bose twabanye nabo n'abatureze, ku bw'inama, ingero nziza n'inkunga baduteye. Dushimiye ababyeyi bacu ku bw'ingero nziza batweretse. Na Mwene Siraki arabivuga ati : « Ntuzibagirwe So…. ». N'Imana yabashimiye ! Dushimiye kandi abarezi bose twanyuze imbere, abagiraneza batandukanye, bose bashimirwe. Dushimiye n'abagerageje kuduca intege, kuko badufunguye amaso ! Zaburi igira iti : « Nyagasani nzamwitura iki» ? Ntacyo twabona. Itora uwo ishatse nabivuze haruguru. Ubu tugizwe intore za Nyagasani. Ubu ku misozi intero ni « Mwene naka yabaye Padiri, babaye abazungu karabaye,…. » Padiri si uwo mugomba kwiremera ; Padiri ashinzwe gutagatifuza imbaga ntawe yirengagije.

Muzadufashe rero guharanira ubutungane, gusa na Kristu Umushumba mwiza. Mutube hafi dusegasire ubukungu turagijwe. Dukeneye kuba 'abizerwa', kwimika imigenzo ya Kristu muri iyi si iri mu rugendo(kenshi itera Imana umugongo).

Tuyoborwe na Roho Mutagatifu, Umubyeyi Bikira Mariya adusabire. Amahoro n'ibyishimo bya Kristu bibane namwe mwese !

Uhagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta, na we yahawe ijambo. Ni Senateri Chrysologue KUBWIMANA. Yagize ati : « Nyiricyubahiro Musenyeri namwe Banyakubahwa bandi,… nanjye nishimye nk'umunyamurunda kuko ari yo narerewemo mu gihe za Kinunu,Biruyi, Kivumu, C.C.Nil, Mushubati zari zitarabaho. Turishimye kuko twungutse abayobozi b'amatsinda nk'uko na

Musa yabikoze ngo ageze Abayisiraheli mu gihugu cyabo. Kiliziya rero ni nziza kuko iteza imbere ubuzima n'uburezi. Gahunda ya Leta ni ukurwanya ubukene kandi tugomba kubifatanyamo n'abanyamadini, by'umwihariko Kiliziya Gaturika. Nanjye rero ndishimye si Musenyeri gusa ! Uyu munsi rero, njye ndumva atari uwa Kiliziya Gaturika gusa, ahubwo ari uw'abanyarwanda bose kuko Padiri atari uw'aba ngo ahigike bariya. Ngo hari ababacaga intege ! Abo tubasabye guhinduka !

Murakoze murakarama !

Nyiricyubahiro Musenyeri nawe yagize ati :

"Uyu ni umunsi w'ibyishimo. Nibyo koko! Tubonye abasaserdoti bane (hiyongeyemo Padiri Fraterne NAHIMANA wa paruwasi Mushubati). Ibibazo mwahuye nabyo ntibyashize. Ubutumwa twahawe ntitwari tubukwiye kuko nta gitangaza kiturimo(buri wese yicukumbuye). Ni umunsi rero wo guca bugufi no kwiringira Nyagasani we udushoboza. Uramburiweho ibiganza nawe aba aciye bugufi kandi agira ati 'n'ubwo ntari mbikwiye…' Nitube rero nka Yohani Batista twerekane Yezu Kristu gusa kuko amabanga twashinzwe aturenze. Twongeye gushimira Imana kuko Diyosezi yacu ivuye kure: Jenoside yari yashigaje abapadiri batarenga 20, none ubu baragera kuri 60. Umwaka ushize hashinzwe paruwasi nshya ya Gisovu, none ubu harashingwa iya Gatovu.

Ubwo mubaye abapadiri, birarangiye nta bwana bukibarimo kubera ko mugiye mu rundi rwego rubarenze, rubasaba gusanga abarwayi, abana, abakuru,… ni ko kwemera, niko kwizera.

Basaserdoti, abakristu baratwizera! Wikwitesha rero icyo kizere. Ubutumwa bwanyu bujyane n'ibihe tugezemo. Mwigishe amahoro kandi muyagaragaremo. Ni nako kandi mwabibwiwe musezerana ngo "ibyo wemera ubyigishe kandi ubikore"!

Umusaserdoti ntarobanura, muharanire ubumwe bw'abanyarwanda. Mube abubatsi aho gusenya; niko kwimura Sekibi.

Turi mu mwaka wa Paul Mutagatifu, wa wundi witanze. Namwe nimwitange mu kwigisha Bibiliya. Rwose ama paruwasi ataratangiza ishuri rya Bibiliya agire bwangu.

Mufashe abakristu kumva umuryango-remezo. Mushyire ingufu mu rubyiruko. Aha ndabwira n'abarimu bo muri primaire. Ba Padiri namwe musure amashuri yanyu. Rwose umwaka ntugashire mudasuye ishuri ryanyu (ikigo) kuko ariyo mizero ya Kiliziya n'Igihugu. Muzirikane ko ubu 67% ari abantu batarengeje imyaka 30.

Bapadiri rero, ubu mutangiye ubutumwa. Yababwiye aho bagiye kubutangirira : P.Justin TUYISENGE mu Iseminari Nto ya Nyundo, P.Laurent Safari muri Paruwasi ya Nyange, P.Fraterne NAHIMANA muri Paruwasi ya Muramba.

Mu butumwa bwanyu, ntimuzajya aho mwifuza cyane ko mwasezeranye kudashaka !

Umwepiskopi yarangije ashima umutuzo wagaragaye anatanga rendez-vous yo kuzahurira tariki ya 15/08/08 i Congo-Nil kuri Asomusiyo, asozesha umugisha.

Lazare NZAYISENGA
Paruwasi MURUNDA

IYAKIRWA RY'ABAPADIRI MURI PARUWASI NSHYA YA GATOVU

Hari kuwa mbere, itariki ya 11/08/08 ubwo i Gatovu hakirwaga Padiri Mukuru wa mbere wa Paruwasi nshyashya ya Gatovu, Padiri Emmanuel NGAYINTERANYA.

Yaje i Gatovu avuye muri paruwasi ya Rambura aho yakoreraga ubutumwa ari naho avuka. Yaje aherekejwe n'abakristu bahagarariye abandi mu ngeri zinyuranye. Yari aherekejwe kandi na Padiri mukuru wa paruwasi ya Rambura, Padiri Valens BISABWIMANA.

Ahagana mu ma saa tanu n'igice nibwo Padiri Emmanuel Ngayinteranya n'abamuherekeje basesekaye i Gatovu. Bakiranywe ibyishimo n'abakristu bahagarariye abandi bari mu nzego za komite nyobozi, nshungamutungo na ngenzuramutungo mu rwego rwa paruwasi. Nyuma yo kwibwirana ku bakristu b'ama paruwasi yombi, Padiri mukuru wa paruwasi ya Rambura yeretse abakristu bahagarariye abandi bo muri paruwasi ya Gatovu, Padiri Emmanuel Ngayinteranya babanaga i Rambura akaba yarahawe ubutumwa muri paruwasi ya Gatovu.

Abakristu bahagarariye abandi b'i Gatovu bagaragaje ko bishimiye kubona paruwasi nyuma y'igihe kirekire bari bamaze bayitegereje. Uwo munsi wabaye uw'ubusabane bwagaragariye mu gucinya akadiho nyuma Padiri mukuru wa Paruwasi ya Muhororo avuga ijambo ashimira abakristu baherekeje Padiri Emmanuel Ngayinteranya asaba n'abakirisitu b'i Gatovu kuzabanira neza abasaserdoti babo.

Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Muhororo yakomeje ajya kwereka Padiri Mukuru wa Gatovu hamwe n'abamuherekeje ahari Kiliziya. Aho mu Kiliziya havugiwe isengesho ryo gushimira Imana hatangirwa na gahunda ya Misa yo kwakira abapadiri b'i Gatovu yagombaga kuba kuwa kabiri, itariki ya 12/08/08 guhera saa yine hanyuma abakristu ba Gatovu na Rambura basezeranaho bavugana ko bagiranye igihango.

Ku wa kabiri kuya 12/08/08 niho habaye gahunda ku bakristu bose yo gutura igitambo cya Misa yo gushimira Imana no kwakira abapadiri bashyashya. Ibyo birori byaritabiriwe cyane kuko Kiliziya yari yuzuye abakristu baje kugaragaza ko bishimiye abapadiri babo. Icyakora, Padiri Léandre NSHIMYIYAREMYE we yari agitegerejwe kuko uwo munsi ari bwo yagombaga kugera i Gatovu. Misa yitabiriwe n'Abapadiri babiri bo ku Muhororo hamwe na Padiri Mukuru wa paruwasi ya Gatovu. Nyuma y'igitambo cya Misa cyatuwe na Curé Doyen, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Muhororo,Padiri Emmanuel Ngayinteranya yatangarije abakristu gahunda zihutirwa zizajya zikurikizwa: izo ni iminsi y'ibibazo, iminsi ya Penetensiya n'ishengerera n'amasaha ya Misa yo ku mibyizi no ku byumweru.

Nyuma y'umugisha usoza Misa hakurikiyeho gahunda y'ibirori byabereye ku mbuga y'icumbi ry'abapadiri. Ibyo birori byitabiriwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Kavumu Kiliziya yubatsemo. Hari kandi abahagarariye ingabo na police mu murenge wa Kavumu. Hari n'abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza bya Kiliziya biri muri paruwasi ya Gatovu hamwe n'abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye byegereye Paruwasi, uhagarariye ikigo nderabuzima cya Ramba hamwe n'abakristu benshi mu ngeri zitandukanye.

Mu ijambo ry'ikaze, Perezida wa Komite Nyobozi ya Paruwasi ya Gatovu yabanje guha ikaze abapadiri baje kuba i Gatovu dore ko noneho Padiri Leandre NSHIMYIYAREMYE nawe yari amaze kuhasesekara ahagana mu ma saa sita aherekejwe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange avukamo. Prezida wa komite nyobozi yavuze ko babonye paruwasi bari bayibabaye kuko bayifuje kuva kera cyane kubera intera ndende yari hagati ya Gatovu na Paruwasi ya Muhororo. Yavuze ko inkuru nziza y'uko Gatovu ari yo itahiwe kuba paruwasi bayigejejweho ubwo Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere yari yagiye gutanga Isakramentu ry'Ugukomezwa i Gatovu,hari mu mwaka wa 2007.Ati: "rero nguyu umunsi wageze ntacyatubuza kwishima". Yamenyesheje abapadiri baje kuba i Gatovu ubuzima bwa paruwasi, avuga ko ifite abakristu babarirwa mu bihumbi cumi na bibiri, ikagira sentrali enye arizo : Gatovu, Kavumu, Nyagasozi na mwumba, bakagira inama 15 n'imiryango-remezo 105. Paruwasi ya Gatovu ikorera mu cyahoze ari Komini Ramba n'agace gato ka Gaseke, ubu ni mu Karere ka Ngororero mu mirenge itatu ari yo Kageyo, Kavumu na Sovu. Yahise anasaba ubufatanye bw'ubuyobozi bw'inzego za Leta kuko abaturage bakeneye guhumuka.

Nyuma y'ijambo rya Perezida wa komite nyobozi, hakurikiyeho ijambo rya Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Muhororo weretse abashyitsi batari mu Misa abapadiri boherejwe kuba i Gatovu. Yasabye abakristu b'i Gatovu kwakira neza abapadiri babo, kutabatererana no kumva ko Kiliziya ari iyabo.

Hakurikiyeho uhagarariye ingabo wavuze ko yijeje abapadiri umutekano uhagije, ababwira ko batakumva ko babaroshye anababwira ko azabafasha mu byo bazamukeneraho.

Umunyamabanga nshingwabikorwa we mu ijambo rye, yifurije amahoro abari bateraniye aho bose, ashimira ubuyobozi bwa Kiliziya bwemeye ko Gatovu iba paruwasi. Yijeje abapadiri ubufatanye ababwira ko bari kumwe ati "we are together as one". Yavuze ko abapadiri baje i Gatovu bameze nka Simoni w'i Sirene watwaje Yezu Umusalaba. Yasabye abapadiri gutwaza abayobozi imitwaro bafite. Yibukije abari aho gahunda za Leta zirimo ubwisungane mu kwivuza, ubudehe, abasaba no kwipimisha icyorezo cya SIDA kugira ngo bamenye uko bahagaze.

Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange ahawe ijambo, yavuze ko batinze kuhagera kuko ntawe utwara umugeni ngo yihute kandi n'imihanda ari mibi. Yabibukije ko babonye Paruwasi bibagoye abasaba kudasubira inyuma mu ishyaka bagaragaza mu kwitangira Kiliziya. Yahise yerekana umugeni azanye, Padiri Léandre wavuze ko yishimiye gutangirira ubutumwa bwe i Gatovu, akazitanga n'imbaraga ze zose mu ndirimbo,liturgia, mu rubyiruko n'ahandi hose azakenerwa.

Nyuma ye haje ijambo rya Padiri Mukuru wa paruwasi ya Gatovu,Padiri Emmanuel Ngayinteranya wasuhuje abari aho, agashimira ingabo kubera icyizere cy'umutekano zatanze, ashimira Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kavumu kubera ubufatanye bijeje abasaserdoti.Yavuze ko umuntu uri wenyine ntacyo yakwimarira kuko byose ari magirirane. Secrétaire Exécutif akeneye ahari abaturage, Padiri akeneye ahari abakristu. Asoza avuga ko abantu bava mu magambo bagashyira mu bikorwa ibyo bavuga ahasigaye intego ya Diyosezi yacu ivuga ngo "Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo, tukayishyira mu bikorwa. Umunsi wasojwe no gucinya akadiho no guha umugisha imbaga yari muri ibyo birori. Hari mu ma saa kumi n'igice.

Bikorewe i Gatovu ku wa 12/08/08.

Padiri Bernard KANAYOGE
Padiri Mukuru wa Paruwasi
ya MUHORORO

ITAHWA RYA PAROISSE GATOVU

Ijambo ry'uhagarariye abakristu

Nyiricyubahiro Musenyeri,
Nyakubahwa Padiri Mukuru wa Paruwasi Gatovu,
Basaserdoti n'abandi Bihaye Imana muri hano,
Bayobozi b'amadini anyuranye muri hano,
Bayobozi b'Inzego za Leta,
Bakirisitu bavandimwe,

Mu ijwi ry'abakirisitu ba Paruwasi nshya ya Gatovu tubahaye ikaze, mwese murisanga. Nyiricyubahiro Musenyeri, uyu munsi w'ibyishimo utagira uko usa, mwaje kudufungurira Paruwasi ku mugaragaro, biratubera amateka atazibagirana, ku mukirisitu wese uri hano, ndetse na Diyosezi yose.

Paruwasi Gatovu ifunguwe ikurikiranye na Paruwasi Gisovu mwafunguye umwaka ushize wa 2007. Ikaba ibaye iya makumyabiri n'imwe muri Diyosezi ya Nyundo. Twayitegereje igihe kirekire nk'uko namwe mubizi ; kuko uko mwazaga ino, mu byo twabasabaga nicyo cyajyaga ku isonga, none kirakemuwe. Icyo twizeye ni uko nidufatanya n'aba bapadiri muduhaye hari ibibazo byinshi bizakemuka.

UKO PARUWASI GATOVU ITEYE

Paruwasi Gatovu ivutse kuri Paruwasi ya Muhororo, yari imwe mu ma santarari yayo. Uretse ko yakoraga ku buryo bwihariye kubera ko yari kure, kuko kuva hano kugerayo hari 38Km.

IMBIBI ZA PARUWASI YA GATOVU

Paruwasi ikorera mu mirenge itatu ariyo Kageyo, Kavumu na Sovu.
Iburasirazuba : Paroisse Rususa
Iburengerazuba : Paroisse Congo-Nil
Amajyepfo : Paroisse Muhororo
Amajyaruguru : Paroisse MURAMBA

Paruwasi Gatovu ifite imiryango ya Agisiyo Gaturika : Abalejiyo, Abanyamutima, Abasaveri, AGI, Abakarumeri, Kolping, Communauté Saint Pierre Apôtre, Emawusi, Ivugururwa muri Roho Mutagatifu (Charismatique).

AMA KOMISIYO AKORERA MURI PAROISSE GATOVU

Caritas, Ubutabera n'Amahoro na CPD.

IMIBEREHO YA PARUWASI GATOVU

Kugeza ubu nta hantu hihariye umutungo uturuka uretse amaturo y'abakirisitu n'uturima duto natwo tutera neza.

IMIBANIRE

Hagati y'abakirisitu n'abapadiri, na mbere hose twabanye neza, kandi turizera ko n'aba baduhaye tuzabana neza.

Hagati ya Kiliziya na Leta, nabo dukorana neza, kuko n'iyo tugize ikibazo turabitabaza bakagikemura.

MU BUREZI

Ubu dufite ibigo 12 by'amashuri Gaturika abanza. Iyi paruwasi Gatovu ifite ibigo bine by'amashuri yisumbuye.

MU BUZIMA

Paruwasi Gatovu yubatsemo Ikigo Nderabuzima kimwe, n'andi mavuriro ane mato bita FOSACOMU.

Ku bigendanye n'abana bakurikira Seminari baracyari bake, kuko mu i Seminari Nkuru dufitemo umwe gusa naho mu i Seminari Ntoya dufitemo babiri bonyine. Ababikira dufite ni babiri. Abapadiri bavuka muri paruwasi ya Gatovu nabo ni babiri.

IBYIFUZO

Nyiricyubahiro Musenyeri, muduhaye Paruwasi ariko uburere buruta ubuvuke, turacyabahanze amaso muri byinshi tugikenera, murabona iyi Kiriziya yacu ituzuye neza, turifuza ko mwatwuzuriza ibiburaho. Aha ku macumbi y'Abapadiri naho hakeneye umuriro w'amashanyarazi. Yego ntituyobewe ko dutuye kure y'amashanyarazi ; ariko mushakishije ubundi buryo nk'imirasire y'izuba cyangwa ikindi cyatanga umuriro byadufasha.[3]

Bayobozi ba Leta,

Aho paroisse igeze aba ari intambwe y'amajyambere itewe ; nk'uko mu ndamukanyo yacu tugira tuti « Mugire ubukire » ; kwikiriza tukavuga ngo : « Tubukoreye dufatanije byose ni magirirane », natwe niho tugana.

N'ubwo paroisse Gatovu ivutse ntiragera ku byangombwa byose bikenewe ariyo mpamvu twifuza ko mu bufatanye bwose inkunga ya buri wese yatuma nibura mu myaka ibiri twaba tumaze kugera ku rwego nk'urw'andi ma paruwasi. Nta kuntu umuntu yagera kuri paruwasi ngo abure aho acumbika, nta kuntu paruwasi yabura inzu y'inama, nta kuntu paruwasi yabura ahahugurirwa abantu .

Bakirisitu ba paruwasi Gatovu muba hanze yayo,

Namwe umuganda wanyu urakenewe kugirango paruwasi Gatovu itere imbere, kugirango tugere ku ntera y'ayandi ma paruwasi, biriya byose byavuzwe haruguru bimaze kuboneka, yego biradusaba amikoro ahagije ariko ubukungu bwa paruwasi ni abakirisitu bayo.

Banyamadini,

Tuzi neza ko twese dutahiriza umugozi umwe, turabasaba ubufatanye n'ubwuzuzanye kugirango duharanire amahoro n'iterambere.

Nyiricyubahiro Musenyeri, ntitwarangiza tudashimiye abapadiri bose bakomeje kudushyigikira kugeza uyu munsi.

Turangije tubifuriza umugisha w'Imana.

Gatovu, kuwa 21/09/2008.

Fulgence NZAMUYE.

IBARUWA YA MUSENYERI J.M.V. NSENGUMUREMYI ISHIMIRA ABATABAYE ABASENYEWE N'UMUTINGITO W'ISI.

Basaserdoti,

[3] Kuri 25.09.08, Economat Général yabagejejeho amashanyarazi atangwa n'imirasire y'izuba

Bihayimana,
Barezi,
Bana bacu,

Mugire amahoro !

Tumaze kumenya akaga kagwiririye abavandimwe bacu bo muri Diyosezi ya Cyangugu bitewe n'umutingito wo ku ya 3 Gashyantare 2008 n'iminsi yakurikiyeho, twihutiye kubatabaza ngo ufite icyo yakwigomwa abafashe kugira utwo basana.

Impuruza yari rusange kandi koko ibyiciro by'abantu byose byagaragaje umutima w'impuhwe. By'umwihariko Uburezi Gatolika bwashatse ko habaho uruhare bwite rw'abana kuko nabwo ari uburyo bwo kurera umutima wita ku kababaro k'abandi.

Abana barabibwiwe, nabo babibwira ababyeyi, babaha icyo batanga; isomo riracengera n'ubufatanye buragaragara. None biraboneka ko dushobora kwigeza kuri byinshi dufatanyije kandi tuyobowe n'umutima ukunda.

Turashimira cyane Abasaserdoti n'abarezi bakoze ubukangurambaga, ababyeyi bahaye abana uburyo, n'abana ubwabo bagize ishyaka muri iki gikorwa cyatanze umusaruro ugaragara. *Amafaranga miliyoni eshatu n'ibihumbi magana arindwi mirongo itandatu na bitandatu na magana arindwi mirongo itandatu n'atanu (3.766.765 Frw)* ni inkunga ishyitse, cyane iturutse ku bana, ariko ubukungu bukomeye kurushaho ni uwo mutima n'uwo muco wo kwita ku bandi, abana bacu bazakomeraho.Ubwo burere tubukomeze. Ntitugarukirize kuri iki gikorwa cyonyine.

Twongeye kubashimira mwese no kubaragiza Imana iduha ibyiza byose ku buntu.

Murakarama !

N.B : *Ku mugereka w'iyi baruwa turabagaragariza uko ama paruwasi yagiye atanga iyo nkunga.*

Mgr J.M.V. NSENGUMUREMYI
Représentant Diocésain de l'Education
Catholique/Nyundo

INKUNGA Y'ABANYESHURI BO MURI DIYOSEZI YA NYUNDO YO GUTABARA CYANGUGU

1.Paroisse MURAMBA* 2.Paroisse RAMBURA		580.150 Frw

	G.S.R.(G)	200.000 Frw	
	G.S.R.(F)	88.000 Frw	530.850 Frw
	E.Prim.	242.850 Frw	
	3.Paroisse NYUNDO		
	E.d'Arts	25.415Frw*	
	Petit Sém.	44.345 Frw	412.010 Frw
	G.S.NDA	59.610Frw*	
	E.Prim.	282.640 Frw	
	4.Paroisse BIRAMBO		378.900 Frw
	5.Paroisse MUBUGA		358.985 Frw
	6.Paroisse NYANGE		
	E.S. Nyange	45.200 Frw	260.950 Frw
	E.Prim	215.750 Frw	
	7.Paroisse RUSUSA		171.590 Frw
	8.Paroisse GISENYI		
	CFJ	11.880 Frw	
	ETAG	5.500 Frw	
	ESSA	1.380 Frw	152.070 Frw
	E.Prim	133.310 Frw	
9.	9.Paroisse BUSASAMANA		150.000 Frw
	10.Paroisse MUHORORO		119.465 Frw
	11.Paroisse KINUNU		108.030 Frw
	12.Paroisse MURUNDA		
	E.S.St Jean	12.800 Frw	105.920 Frw
	E.Prim.	93.120 Frw	
	13.Paroisse BIRUYI		105.725 Frw
	14.Paroisse KIBINGO		75.500 Frw
	15.Paroisse MUSHUBATI		67.930 Frw
	16.Paroisse KIVUMU		61.300 Frw
	17.Paroisse GISOVU		48.125.Frw
	18.ParoisseC.CONGO-NIL		37.865 Frw
	19.Paroisse KIBUYE *		33.000 Frw
	20.Paroisse MUKUNGU		8.400 Frw
	T O T A L		**3.766.765 Frw**

* Hari n'abatanze ibintu bimwe bikoherezwa uko biri, ibindi bikavunjishwa mu mafaranga.

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

Tariki ya 01 kugeza kuya 03/04/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE n'abandi Bepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, bahuriye i Ngozi ho mu Burundi na bagenzi babo bo muri icyo Gihugu, mu nama ya ACOREB ari rwo rwego rubahuza.

Tariki ya 07/04/08 : Mu Rwanda hose twibutse jenoside yakorewe abatutsi. Umushumba wa Diyosezi, Abasaserdoti n'Abihayimana, bifatanyije n'imbaga y'abantu, bahuriye ku rwibutso rwo ku Nyundo barasenga, kandi bagirana n'ibiganiro byo kwibuka no kwamagana ingengabitekerezo ya jenoside no gufata ingamba zo kwubaka Igihugu kijya mbere kibereye twese.

Tariki ya 07/04/08 : Umukuru w'Ababikira biyeguriye Umutima Mutagatifu wa Yezu, Mama Elizabeth NIZEYIMANA yaje gusura Abanovisi babo babiri bari muri stage kuri Orphelinat Noël yo ku Nyundo. Uwo muryango washingiwe i Burundi mu myaka ya vuba aha, wakira abaturutse hirya no hino, nk'abo ba novisi umwe yari Umurundikazi undi akaba Umunyarwandakazi.

Tariki ya 10/04/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu nama y'abagize Inama y'Ubuyobozi (Conseil d'Administration) ya Cité de Nazareth y'i Mbare (ni ikigo cy'imfubyi cya Papa).

Tariki ya 11/04/08:Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu nama rusange isanzwe ya CORAR.

Tariki ya 14/04/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yagiye mu iseminari nto ya Nyundo, abonana na buri museminari w'umwaka wa gatandatu wasabye kuzajya mu iseminari nkuru. Barindwi muri abo bemerewe kuzajya i Rutongo.

Tariki ya 16/04/08 : Musenyeri yatangije Inama y'Akanama gashinzwe ibyerekeye uguhamagarirwa kwiyegurira Imana (Commission de la Pastorale des Vocations).

Tariki ya 21/04/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yayoboye inama ihuza abapadiri bashinzwe umutungo ba Diyosezi zose zo mu Rwanda (Economes Diocésains).

Tariki ya 22 kugeza kuya 25/04/08 : Abepiskopi Gatolika bagiriye inama yabo i Kigali, bayobowe na Prezida wabo Musenyeri Alexis HABIYAMBERE .

Tariki ya 06/05/08 : Musenyeri yahuje abagize Akanama kareba ibyerekeranye n'umutungo, bigira hamwe uburyo bukwiye mu bijyanye n'imishahara y'abakorera Diyosezi.

Tariki ya 07 n'iya 08/05/08 : Inama ihuza Umwepiskopi n'Abapadiri bose ba Diyosezi, yabereye ku Nyundo. Yize cyane cyane ku byerekeye umwaka wagenewe Paulo Mutagatifu.

Kuva tariki ya 13/05 kugeza kuya 12/06/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu rugendo mu Butaliyani, ajyanwe no gusura incuti za Diyosezi ziriyo, n'abapadiri ba Diyosezi baba muri icyo Gihugu.

Tariki ya 14/06/08 : Umushumba wa Diyosezi yayoboye igitambo cy'Ukaristiya cyashoje icyumweru cy'uburezi Gatolika. Missa yakurikiwe n'ibirori byitabiriwe n'abanyeshuli baturutse mu mashuli menshi yo muri Zone ya Gisenyi. Aba majyepfo ya Diyosezi, ariyo Zone ya Kibuye nabo bizihije umunsi nk'uwo ku itariki ya 22/06/2008 .

Tariki ya 12/06/08 : Inshuti za Diyosezi zirimo Igisonga cy'Umushumba wa Diyosezi ya Hasselt ho muri Limburg Intara y'Ububirigi zageze mu Rwanda.

Tariki ya 28/06/08 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu Missa yabereye muri Katedrali Saint Michel i Kigali, Abepiskopi, Abapadiri n'imbaga y'abakristu, bifatanyije basabira Papa bisunze Intumwa Petero na Paulo.

Tariki ya 29/06/08 : Muri paruwasi zose za Diyosezi ya Nyundo, hatangijwe umwaka wagenewe Paulo Mutagatifu. Buri paruwasi yagennye gahunda izakurikizwa muri uwo mwaka igendeye ku byemejwe mu nama ya Doyenné irimo, no mu nama ihuza abapadiri bose ba Diyosezi ya Nyundo.

Uwo mwaka uzarangira ku itariki ya 29/06/09.

Tariki ya 30/06/08 : Umwepiskopi yatangaje ku mugaragaro urutonde rw'aho buri mu padiri wa Diyosezi ahawe ubutumwa n'ibyo ashinzwe.

Tariki ya 04/07/08 : Umunsi mukuru w'Ukwibohoza wizihijwe hose mu Rwanda, kandi abakristu bashishikarijwe kwumva icyo aricyo kwibohoza cyane cyane babohora imitima ku biyitera ubugizi bwa nabi, nk'ingengabitekerezo ya jenoside ndetse n'ibiheza abantu mu bukene n'ubujiji.

Tariki ya 06/07/08: Mu rwego rwo gukomeza umubano mwiza**,** Abakristu ba paruwasi ya

Gisenyi bagiye gusura bagenzi babo bo muri Diyosezi ya Ruhengeri, bari barabasuye nabo mu mwaka ushize wa 2007.

Tariki ya 07/07/08: Padiri J.Baptiste BUGINGO yongeye kutuzanira abandi bashyitsi baturutse muri Diyosezi ya Hasselt anaherekeje bamwe mu bari baje mbere.

Hagati y'itariki ya 12/07 n'iya 09/08/08: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yahaye Isakramentu ry'Ubusaserdoti Abapadiri barindwi n'Abadiyakoni 6.

Abahawe Ubupadiri ni aba : P. Justin TUYISENGE na P.Laurent SAFARI b'i Murunda, P. Fraterne HAHIMANA w'i Mushubati, P. Theophile NIYONSENGA wo ku Muhororo, P.Leandre NSHIMYIYAREMYE na Philbert KAYIRANGA b'i Nyange, na P.Jean Colbert NZEYIMANA w'i Gisovu.

Tariki ya 15/07/08: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, yagiye i Kigali gusezera kuri Musenyeri Frederiko RUBWEJANGA, Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo, wacyuye igihe agahitamo kwinjira mu muryango w'Abamonaki b'Abatrapisti mu Bubiligi.

Tariki ya 21/07/08: Abepiskopi Gatolika babonaniye mu nzu y'inama yabo n'Umukuru wa CRS-USCCB ariwe Dr Ken Hackett.

Tariki ya 24/07/08: "Incuti za Nyundo" zo mu Bubiligi zifasha ikigo nderabuzima cya Nyundo zakiriwe kuri Evêché.

Tariki ya 03/08/08: Paruwasi ya Mubuga yizihije Yubile y'imyaka 75 imaze ishinzwe, ihimbaza na Yubile y'imyaka 25 Padiri Dismas IYAKAREMYE uvuka muri iyo Paruwasi, amaze ari Umusaserdoti.

Nkuko mwabyisomeye mu nimero ya 26 y'Umusemburo w'Ubusabane, mu rwandiko Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Mubuga yandikiye abakristu, abashishikariza kwitegura neza iyo Yubile bivugurura mu bukristu bwabo, uwo munsi mukuru wabanjirijwe n'urugendo rutagatifu rwatangiye kuwa 25 Mutarama 2008, rurangira ku itariki ya 3 Kanama 2008 ariwo munsi w'ibirori bya Yubile**.** Tubagejejeho ijambo Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yahavugiye kuri uwo munsi mukuru.

Tariki ya 05/08/08: Abepiskopi bagize "comité permanent" y'inama yabo bahuriye i Kigali mu nama.

Tariki ya 08/08/08 : Musenyeri yagiranye inama na Marco Toti, Umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi ya Frosinoni ho mu Butaliyani.

Tariki ya 11/08/08: Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gatovu Emmanuel NGAYINTERANYA yakiriwe muri paruwasi ye. Yaje avuye muri Paruwasi ya Rambura, aherekejwe na Padiri Valens BISABWIMANA Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Rambura, na bamwe mu bakristu bahagarariye abandi. Bukeye bwaho, niho Padiri Léandre NSHIMYIYAREMYE bazafatanya ubutumwa muri iyo paruwasi yahageze. Hatuwe igitambo cya missa yo gushimira Imana ibyiza ikomeje kugirira Paruwasi nshya ya Gatovu.

Tariki ya 15/08/08 : Nk'uko bisanzwe abakristu benshi bagize urugendo rutagatifu i Congo-Nil ku murwa wa Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene. Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yatuye igitambo cya Missa akikijwe n'Abapadiri bashya babuhawe uyu mwaka na bakuru babo benshi. Icyo gitambo cyari icyo gushimira Imana iyo mpano ikomeye y'Abasaserdoti bashya, tunashimira Umubyeyi w'Abakene uhora atuvuganira.

Tariki ya 16/08/2008 : Musenyeri yaturiye igitambo cy'Ukaristiya muri chapelle ya Lycée yo ku Nyundo. Iyo missa yari iyo gushimira Imana kubera imyaka 50 Mama Marie Jeanne NIWEMFURA amaze yiyeguriye Imana, na 25 ya Mama Bernadette MUKANYANGEZI. Bombi bari mu muryango wa Benebikira kandi babana mu rugo rwabo rwo ku Nyundo.

Tariki ya 18 kugera kuya 21/08/08 : I Kigali habereye inama isanzwe ihuza Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda.

Tariki ya 23/08/08 : Abasaveri bizihije Yubile y'imyaka 50 umuryango wabo umaze ugeze muri Diyosezi ya Nyundo. Igitambo cya Missa cyayobowe n'Umushumba wa Diyosezi. Paruwasi zari zohereje abasaveri bazihagarariye. Hari n'abatware b'umuryango mu rwego rw'Igihugu.

Tariki ya 24/08/08 : Musenyeri yahaye umugisha chapelle nziza ya centrale ya Kanama yo muri paruwasi ya Nyundo. Iyo chapelle yaragijwe Nyina wa Jambo.

Tariki ya 25/08/08 :Myr Paul Schruers wahoze ari Umushumba wa Diyosezi ya Hasselt yitabye Imana. Uwo Mwepiskopi yari inshuti ya Diyosezi ya Nyundo. Yadusuye kenshi, ndetse akoresha n'imyiherero Abasaserdoti. Umunsi bamushyinguyeho, ku itariki ya 02/09/2008, abapadiri n'abiyeguriyimana bo ku Gisenyi n'abo ku Nyundo bahuriye hamwe batura igitambo cy'Ukaristiya bamusabira bifatanyije n'abo muri Diyosezi ye.

Tariki ya 01/09/08 : Padiri Laurent NGENDAHAYO wari Padiri Mukuru wa Paruwasi Kinunu yagiye i Roma kwiga Droit Canon.

Tariki ya 04/09/08 : Umuyobozi mushya wa CRS mu Rwanda aherekejwe n'abandi bakorana yaje gusuhuza Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, akaba n'Umukuru w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda.

Tariki ya 13/09/08 : Padiri Théogène HAVUGIMANA yagiye i Leuven ho mu Bubiligi aho aziga Filosofiya.

Tariki ya 15/09/08 :Abanyarwanda twese twitoreye abazaduhagararira mu Nteko ishinga amategeko.

Tariki ya 21/09/08: Paroisse ya Gatovu yaravutse ibyawe na Paruwasi ya Muhororo.

Ikurikiye Paroisse ya Gisovu yashinzwe umwaka ushize wa 2007, ibyawe na Paruwasi ya Mukungu; zikaba zibaye paruwasi 21 zigize Diyosezi ya Nyundo. Iyo paruwasi nshya yaragijwe Paulo Mutagatifu . Abakristu bari mu byishimo bikomeye, kubera urugendo rurerure bakoraga bagana ku Muhororo.

Imana isingirizwe ubuntu bwayo!

Tariki ya 28/09/08 : Inkubi y'umuyaga ivanze n'imvura yatwaye amabati, isenya n'amazu hirya no hino ku Gisenyi no ku Nyundo. Ibintu byinshi byari mu mazu byarangiritse. Icyakora umuco mwiza w'abanyarwanda warahagaragariye, abaturanyi batasenyewe bakiriye abagize ibyago, kandi barabagoboka bafatanya gukura mu mazu yasambuwe ibyashoboraga gukizwa byose. Imfashanyo nazo zagiye ziza buhoro buhoro.

Dusoje udukuru tubifuliza Noheli nziza n'Umwaka muhire wa 2009 !

BAMURANGE Françoise

NOMINATIONS JUILLET 2008

I. SERVICES GENERAUX

Mgr.J.M.V. NSENGUMUREMYI :Vicaire Général, Représentant Diocésain de l'Education Catholique, O.P.M, chargé des Grands Séminaristes en année de stage pastoral.

A. J.M.V.TWAGIRAYEZU : Econome Général, Coordinateur des Projets d'autofinancement des Paroisses, Gestionnaire du Domaine de la Trinité.

A. Fabien RWAKAREKE : Vicaire Episcopal chargé du suivi du Synode Diocésain, Chancelier, Service Diocésain de Coordination Pastorale, Délégué Spécial de l'Evêque auprès de Abahire.

A.Vincent HAROLIMANA : Recteur du Petit Séminaire St Pie X, chargé de la Pastorale des Vocations et des Grands Séminaristes, Aumônier de la Fraternité Notre Dame de la Résurrection.

A. Etienne MUKERAGABIRO : Directeur de la Caritas Nyundo/Gisenyi, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les Paroisses Zone Gisenyi, chargé du Service Diocésain de Catéchèse/Gisenyi, Etudes ULK/Gisenyi(le soir).

A. Elie HATANGIMBABAZI : Directeur de la Caritas Nyundo/Kibuye, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les paroisses Zone Kibuye, chargé du Service Diocésain de Catéchèse/Kibuye.

II. SERVICES INTERDIOCESAINS

A. Alfred UWANTAGARA : Professeur résident au Grand Séminaire de Nyakibanda et Professeur visiteur au Grand Séminaire de Kabgayi.

A. Vincent HAROLIMANA : Professeur visiteur au Grand Séminaire de Nyakibanda.

III. ZONE PASTORALE DE GISENYI

1. DOYENNE DE MUHORORO

Doyen : A. Bernard KANAYOGE

GATOVU

A. Emmanuel NGAYINTERANYA : Curé

A. Léandre NSHIMYIYAREMYE : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

Fratri Déogratias BAHIZI : Stagiaire, Pastorale de la Jeunesse

MUHORORO

A. Bernard KANAYOGE : Curé, Aumônier E.T.O.Gatumba, Aumônier Postulat Abahire, Aumônier de l'Hôpital.

A.Flavien DUSHIMIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier A D E C, Aumônier Postulat Benebikira, Pastorale de la Jeunesse.

RUSUSA

A. J.Bosco NYIRIBAKWE : Curé, Aumônier APEJERWA Nyange

A. Etienne IZIMENYERA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier ASPAD/ Ngororero.

2. DOYENNE DE MURAMBA

Doyen : Abbé Valens ABAYISENGA

MURAMBA

A.Valens ABAYISENGA: Curé, Aumônier E.E.C. Muramba

A.Colomban NIYONSABA: Vicaire, chargé du Centre de Formation des Jeunes aux Métiers, Aumônier Muramba TC/Raba .

A. Fraterne NAHIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier ESECOM, Pastorale de la Jeunesse.

RAMBURA
A.Valens BISABWIMANA : Curé, Aumônier Kibisabo et Kibihekane
A.Théophile NIYONSENGA : Vicaire, Econome, Aumônier G.S.Rambura (G) et G.S.Rambura(F) .
Fratri J.François UWIMANA : Stagiaire, chargé de la Pastorale de la Jeunesse, Professeur de Religion G.S.Rambura (G).

3. DOYENNE DE NYUNDO

Doyen : A. Edouard NTURIYE
BUSASAMANA
A. Vincent MBONABAKIRA: Curé, Conseiller Projet IABU.
A. Evariste NDUWAYEZU : Vicaire
A.Philbert KAYIRANGA : Vicaire, Econome, Aumônier Collège St Matthieu.
NYUNDO-EVECHE
A. Etienne MUKERAGABIRO : Vicaire dominical Gisenyi (voir services généraux).
NYUNDO-PAROISSE-CATHEDRALE
A. Edouard NTURIYE : Curé, Aumônier APEFOK
A.Gaspard KANZIRA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion à l'Ecole d'Arts.
NYUNDO-PETIT SEMINAIRE
A.Vincent HAROLIMANA : Recteur, Professeur, Aumônier G.S.N.D.A, voir aussi Services Généraux.
Mgr.Dominique NGIRABANYIGINYA : Préfet des Etudes, Professeur.
Mgr.J.M.V.NSENGUMUREMYI : Voir Services Généraux
A. J.Népomuscène MALIYAMUNGU :Econome de la Communauté et du Petit Séminaire, Professeur, Vicaire Dominical à Nyundo Cathédrale, Aumônier Orphelinat Noël.
A. Justin TUYISENGE : Professeur, Vicaire Dominical à Nyundo Cathédrale.
Fratri J.M.V.HODALI : Stagiaire, Professeur, Préfet de Discipline.
GISENYI-PAROISSE
A.Emmanuel NYAMPATSI : Curé, Aumônier et Professeur de Religion au Collège Inyemeramihigo.
A. Léonidas NGOMANZIZA : Vicaire, Econome, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Ville.
A. Vincent SEBAGABO : repos
A. J.M.V.TWAGIRAYEZU : Vicaire Dominical, voir aussi Services Généraux.
Fratri Pie KWITONDA : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier adjoint des Ecoles Secondaires Ville.
GISENYI-FOYER Mgr.Aloys BIGIRUMWAMI
Mgr. Médard KAYITAKIBGA : Responsable du Foyer , Aumônier ULK-Gisenyi, chargé de la Pastorale des Intellectuels.
A. Fabien RWAKAREKE : Econome, Vicaire Dominical à la Paroisse de Gisenyi, voir aussi Services Généraux.
Mgr.J.Baptiste HATEGEKA : attaché au Foyer Mgr.Aloys BIGIRUMWAMI.

4. DOYENNE DE BIRUYI

Doyen : A. Prosper NTIYAMIRA
KIVUMU
A.Pierre Claver NKUNDIYE : Curé, Econome, Aumônier des Sœurs Bénédictines de Kigufi.
A. Joseph SCHMETZ : Vicaire
Fratri J.Damascène SIBOMANA : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
BIRUYI
A. Prosper NTIYAMIRA : Curé, Econome
A. Laurence MUNYANGORORE : Vicaire
KINUNU
A.Léonidas NGARUKIYINTWARI : Curé
Fratri J.Paul HAGUMINEZA : Stagiaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

IV. ZONE PASTORALE DE KIBUYE

1. DOYENNE DE MUSHUBATI
Doyen : A. Gaudens MURASANDONYI
MURUNDA
A. Léonidas HABARUGIRA : Curé, Aumônier de l'Hôpital
A.J.Damascène BIZIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier E.S Murunda, Pastorale de la Jeunesse.
A. Patrick BATEGANYA : Vicaire
CRETE CONGO-NIL
A.J.M.Muzeï SEKABARA : Curé, Pèlerinage au Sanctuaire Marial.
A.J.Colbert NZEYIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.
MUSHUBATI
A.Gaudens MURASANDONYI : Curé, Aumônier TTC Rubengera
A. Eugène MURENZI : Vicaire, chargé du Centre KOMERA
A. Modeste GASIGWA : Vicaire, Econome.
NYANGE
A. Eugène URAYENEZA : Curé
A. Laurent SAFARI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion E.S.Nyange.
Fratri Noël HITIMANA : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.

2. DOYENNE DE MUKUNGU
Doyen : A. J.Baptiste MENDIONDO.
BIRAMBO
A. Thaddée MUSABYIMANA : Curé, Aumônier Ecole des Sciences, Pastorale de la Jeunesse.
A. Callixte NDAGIJIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier ESI Kirinda et Ecole Secondaire de l'Assomption.
Fratri Innocent TUYISENGE : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
MUKUNGU
A.J.Baptiste Mendiondo : Curé, Econome
A. Théodose MWITEGERE : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse.
GISOVU
A. J.d'Amour UWIMANA : Curé, Econome
A. Dismas NTAMUSHOBORA : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse

3. DOYENNE DE KIBUYE

Doyen : A. J.Paul RUTAKISHA

KIBINGO

A. Epimaque NAYIGIZIKI : Curé, Econome

A. Janvier HABINEZA : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse, Professeur de Religion E.S.de Kibingo.

MUBUGA

A. Félicien HARINDINTWARI : Curé, Aumônier T.C.Mubuga

A.César DUSABEMUNGU : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

KIBUYE

A. J.Paul RUTAKISHA : Curé, Aumônier de l'Hôpital, Aumônier ESP Kibuye.

A. Gilbert NTIRANDEKURA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier ETO Kibuye, Aumônier KHI Kibuye.

CENTRE D'ACCUEIL SAINT JEAN

A. Elie HATANGIMBABAZI : Gestionnaire du Centre d'accueil Saint Jean, Vicaire dominical à la Paroisse Kibuye, (voir aussi services généraux).

EN MISSION EN DEHORS DU PAYS

1. A. J.Baptiste BUGINGO : Belgique
2. A.J.HAKOLIMANA : Espagne
3. A. Laurent HABIMANA : Italie
4. A. J.François KAYIRANGA : Italie
5. A.J.Baptiste KAROGOYA : Italie
6. A.J.Baptiste TUYISHIME : Italie (études-déc.2008)
7. A.Dismas IYAKAREMYE : Allemagne
8. A.Valens SAFARI BURUSU : Etats-Unis (études)
9. A. Epimaque MAKUZA : Italie (études)
10. A.Cyprien DUKUZUMUREMYI : Italie (études)
11. A.Martin BAHATI : Italie (études)
12. A.Théogène HAVUGIMANA : Belgique (études)
13. A.Laurent NGENDAHAYO : Italie (études).